

Kristu Aragarutse – Arivugira ukuri kwe

Ibaruwa ya VIII

Ngarutse kubabwira:

KAMERE NYAKURI Y'IMIBEREHO Brw8/01

UKURI KW'UKUBA ni uku: MWEBWE mwemera gusa isi nya-bifatika, mubaho ku buryo bwuzuye mu isi nya-mbibi y'ibifatika. Mubaho mu rwego rw'imigaragarize y'ibyemerwa byanyu. Brw8/02

Abo imibonere nya-roho n'ubuzima bwabo byazamuwe mu nkurikirane z'imivumero kugera aho byivanga n'inkurikirane nya-roho z'umuvumero w'urwego nya-roho, bashobora kubona ko babaho mu nzego ebyiri. Babona-banumva neza uko kuri. Kandi babaho bakurikije uko kuri, nuko bakajya mbere mu nkurikirane z'ukuba zigenda zirushaho kuzamuka. Brw8/03

Ntabwo bakiboshywe n'imyemerere ya kimuntu, ahubwo babona-banumva ko baba mu buziraherezo butazitiye. Uko inkurikirane zabo z'umuvumero w'ibonunumva zigenda zizamuka, ni ko bagenda barushaho kubona-banumva ko babaho mu buzirambibi, kandi ko bo ubwabo bonyine ari bo bishyirira imipaka ku byo bashobora kwifuza. Brw8/04

Abo imibonere yabo yazamuwe bene ako kageni bakiri mu mibiri yabo, babonye ko hari urwego rumwe rukumbi rw' 'ukuba-giti' nyako, ari rwo '**Ubukozi bw'Ibonunumva Nya-Mana**'. Brw8/05

Bashobora kandi kugera aho babona-banumva byuzuye ko habaho urwego rwisumbuye rw'**Ibonunumva-Mpuzahose**, aho **Impuzahose** yibera mu burunganire ntamakemwa budashobora kwinjirirwa, kubera ko kuri iyo ntera, ubu-giti ubwo ari bwo bwose bwahita bukururwa mu Bumwe bw'Ukuba. Brw8/06

Iyo roho igeze, mu gusobanukirwa no mu gushyira mu bikorwa, ku rwego rw'ikirenga rw'inkurikirane z'imivumero y'ibonunumva – **Ibonunumva rya Kristu** – roho ishobora kureba hasi ikabona inzego z'imivumero zizamuka zinamanuka kugera ku z'inyokomuntu ku isi, ikamenya, mu rukundo n'impuhwe, ko inyokomuntu yafashwe mu mivumero yo hasi y'Ibonunumva nya-Mana ryihishe muri rukuruzi ya Jye-Babona, itabona-inumva na gato Ukuri kw'Ukuba, kamere nyakuri ya roho, n'ukuri nya-si kwa jye-babona. Kimwe n'uko inyokomuntu itazi na busa intego ndengabipimo iri inyuma y'imibereho yayo, n'ubutumwa bigomba kurangira ihagurukiye. Brw 8/07

Umurimo wa roho ivutse bushyashya ni ukuba inararibonye, binyuze mu rwubati rwayo, Gatekerezi¹, y'ibyo izo nkurikirane zo hasi zishobora kuyizanira, noneho igakura, bitewe

¹ Psyche

n'ibiyibaho nya-gatekerezi/mbamutima bituruka ku bitekerezo n'ibiyumvo byayo. Roho igomba kwiga ikamenya, binyuze mu kugerageza no kwibeshya, imiterere y'ibonunumva riyiha kwishima birenze urugero cyangwa kuremererwa n'agahinda n'umubabaro bitangiza ubumuga bunyuranye mu mubiri. Brw8/08

Intego y'ubuzima ku isi, si ukuvumbura uburyo bwo kubaho mu byishimo n'umunezero bidakuka, n'ubwo ari byo roho iyo ari yo yose ihangarije. Brw8/09

Bene uwo munezero n'ibyo byishimo byabangamira iterambere rya roho mu mivumero nya-roho yisumbuye y'ibonunumva. Brw8/10

Amaherezo, nyuma y'incuro nyinshi zo kubaho ku isi “hejuru no hasi”, mu buzima bwiza no mu mubabaro, gatekerezi izakangukira ukuri kw'ukuba kwayo, inamenye ko yifitemo ububasha bwo gukogota ku **Ibonunumva Nya-Mana** ikahakura imurikirwa, imyumvire n'ubumenyi, kandi ikabasha kuzamura imivumero yayo y'ibonunumva nya-roho ikayigeza ku y'ubuziramuze, imibereho myiza, uburinzi, imikurire y'imbere, ifunguro nya-roho, no kurasiriza ku bandi kamere y'**Ibonunumva Nya-Mana Ubwaryo. Brw8/11**

Nk'uko nabivuze mbere **IBONUNUMVA ni UBUZIMA, kandi UBUZIMA ni IBONUNUMVA. Brw8/12**

Ahari **UBUZIMA** – hari **IBONUNUMVA**. Ahari **IBONUNUMVA** hari **UBUZIMA. Brw8/13**

BURI KINTU mu mibereho kigengwa n'inkurikirane nya-mivumero z'ibonunumva. Urumuri, Ijwi, Ibara, ibigaragara nya-bifatika byose, ari ibinyabuzima ari n'ibitayega. Ushoboye guhindura inkurikirane z'imivumero y'ikintu, wahindura imisusire yacyo – yaba ijwi, ibara, umwuka, amazi, ingingo z'umubiri. Brw8/14

Iyo ingingo z'umubiri zisa n'izifite uburwayi, ni ukubera ko inkurikirane zisanze z'imivumero y'urwo rugingo ziba zagabanyijwe noneho **UBUZIMA** muri urwo rugingo bugaforoka. Brw8/15

Siyansi ivuga impuzahose nk'igifatika gifite ibonunumva, ariko ukuri ni uku nguku: Impuzahose ni **IBONUNUMVA** ryafashe imisusire y' 'ibifatika' bitewe no kumanuka mu inkurikirane zo hasi z'umuvumero w'ibonunumva. Brw8/16

Ngicyo ikirukuri cy'imibereho, nta kindi. Brw8/17

Imibereho yanyu uko yakabaye ni ikibazo cy'inkurikirane y'imivumero. Uko imibonere nya-roho no gukomera ku gitekerezo nya-roho birushaho kuzamuka, ni ko inkurikirane nya-mivumero bwite mu mubiri zirushaho kunyaruka, umurego ngengabuzima ukuyongera, uburwayi bikarangira buyoyotse. Brw8/18

Urugaga rw'abanyasiyansi rwemera ko mubaho gusa ku rwego nya-muntu rurimo urwungano rw'izuba, n'injeje z'inyenyeri. Siyansi yemera ko gatekerezi nya-muntu ari rwo rugero ruhanitse rw'igipimo nya-bwenge mu bihe byose, kubera ko iyo gatekerezi

yagiye itera imbere nk'igisubizo cy'imihindagurikire y'ibidukikije n'imiterere y'igihe, kandi ikaba umusaruro utavangiye w'ubukozi bw'ubwonko. Dukurikije siyansi, amarangamutima yanyu afite ireme rwose kandi ni ayo kwizerwa, kandi ibyo mutekereza n'ibyo mwiyumva nta wabikemanga: ni byo bigize 'ikirukuri' cyonyine cy'imibereho. Ibyemewe bigenwa hakurikijwe 'impuzandengo'² y'ibitekerezo, ibikorwa, n'ibisubizo bitangwa ku bidukikije. Ibi ni byo bibonwa nk' 'ikirukuri' nya-muntu. Brw8/19

Impano zose zitambutse umusaruro mpuzandengo wa za gatekerezi mpuzandengo, zifatwa nk' 'ubugeni' bukomotse ku bubasha nya-gatekerezi budasanzwe. Igisubizo kiri mu nsi y'impuzandengo gifatwa nk'aho gitewe n'ubukererwe bwo mu mutwe bukomoka ku mpamvu nya-bifatika iyi cyangwa iriya, mvukanwa cyangwa yakomotse ku gikomere igihe cy'ivuka, n'ibindi. Siyansi yemera ko urwego nya-bifatika ari rwo nkomoko n'iherezo ry'imibereho. Siyansi yubakiye ku kurwanya ahaturuka hose ibyemerwa nya-kwihenda ku buryo izakira nk'ikirukuri icyo ari cyo cyose gishobora kubarwa, gupimwa no gutangirwa gihamya n'ibikoresho byabugenewe. Brw8/20

Nimubitekerezaho mwitonze, muzasanga icyo siyansi itsimbarayeho nk'igikorwa gifatika, mu by'ukuri ari gusa icyemerwa cyaremwe n'imyanzuro yagezweho hakoreshejwe ibihuririzo uko ari bitanu³. Brw8/21

Ni uko bimeze kuri buri ruhande rundi rw'imibereho yanyu. Ku rwego nya-si rwanyu, ibikorwa bibaho isegonda ku yindi, ariko bikimara kuba bigahinduka ibyemerwa-nyibukwa, kandi ibyibukwa byose si ko biba ari imvaho. Ibiyumvo n'ibitekerezo ibyo ari byo byose byerekeye impitagihe ntabwo ari ihame, ahubwo ni ibyitegererezo, ibyemerwa, bityo rero bikaba atari ibikorwa bifatika, ntibinabe **Ikirukuri** kibyihishe inyuma. Brw8/22

Ni ko bimeze kuri buri ruhande rw'imibereho yanyu. **Ukuri** ni uku: muba ku rwego nya-si rukozwe burundu n'ibyemerwa byanyu bikomoka mu bisubizo byanyu ku byabaye hashize imyaka ijana, igihumbi cyangwa ibihumbi icumi. Brw8/23

Hari igihe abantu bemeraga ko isi ishashe. Kubera ko batekerezaga ko isi yari ishashe, bagiraga ubwoba bwo kujya kure cyane ku nyanja ku ruhande urwo ari rwo rwose kubera ko batinyaga kureguka hejuru y'impera y'isi. Hashize imyaka 400 gusa, abantu batekerezaga ko isi yari ishashe. Magingo aya, kubera ubumenyi, isi yanyu iragendwa mu cyerekezo icyo ari cyo cyose. Brw8/24

Mu gihe cyashize, ndetse n'ubungubu, abantu babagaho bakurikije 'inkuru z'abakecuru', ububasha bw'abakurambere n'indi migani. Barabyemeraga cyane ku buryo imiziririzo yashyirwagaho muri iyo myemerere yazigaga abantu mu mikorere no mu bikorwa. Brw8/25

² Average

³ Five senses

Urugero: ingirwamadini zimwe na zimwe z’ ‘Abakirisitu’ zatekerezaga ko kubyina ari bibi kandi byuzuye ibyaha. Bityo abantu benshi bashoboraga kuvana umunezero no kwigobotora imihangayiko mu kubyina bakavutswa ibyo byishimo ku maherere. Brw8/26

Iyobokamana na ryo riza muri iyo nsanganyamatsiko. Ibyemerwa ni byo ngizi nyirizina y’iyobokamana. Bishingiye ku byabayeho kera bitagize ikindi biri cyo usibye icyemerwa. Ibyo byemerwa bishobora kuba byari bifite ireme ku myubakire-mutwe rusanjye y’ibyo bihe, ariko ubu hashize igihe kirekire byarataye agaciro muri iyi si ihora ihindagurika; nyamara biracyakomeweho akaramata, kandi bikaba ishingiro ry’imihango y’idini, ibirori, ihimbaza, ibiriyo – ndetse ku buryo noneho busenya – bikabera abantu impamvu zo kwicana no gutera ababyeyi n’abana umubabaro uhebuje. Brw8/27

Amadini amwe n’amwe avuga ko ‘Imana iba hose ikaba no mu bintu byose’, nyamara akanemeza nanone, mu mahame ndakuka, ko nta muntu n’umwe uzi ‘gatekerezi’ y’ ‘Imana’ cyangwa impamvu abantu bicana – bakavuga ngo bishobora kuba biri mu mugambi w’Imana. Uroye iyo myubakire-mutwe igizwe n’igiterane cy’ibyemerwa ntabwo wenge, ni hehe inyokomuntu, kuri ubu, yakura impamo y’ubwiza, ibyishimo, ubuziramuze, imibereho myiza, urukundo? Brw8/28

Ibitekerezo nyobokamana byerekana ‘Imana’ ifite ‘ugushaka’ gushobora gutanga ubuzima n’ugukizwa cyangwa urupfu n’irimbuka. Brw8/29

Mu byemerwa bimeze bityo, nta cyizerwa na kimwe kirimo usibye ukutizerwa. Brw8/30

Ku cyemerwa nk’icyo, indwara iyo ari yo yose n’igikocamye icyo ari cyo cyose bishobora kwitirirwa ‘Ugushaka kw’Imana’. Ni **ibyemerwa** byanyu bigenga amizero yanyu y’ibyo ubuzima bushobora kubazanira mu gihe kizaza. Brw8/31

Ubutamenyamana buzira umuze, bene iyo myubakire-mutwe yiyemerera ko itazi kamere y’ ‘Imana’, ndetse ko itanazi niba hari ‘Imana’ ibaho, ariko ikaba ifunguriye byuzuye kwakira imurikirwa, ubwo butamenyamana buruta ibyemerwa bitagondwa mu bicimbu by’ukuri cg mu bitari ukuri. Brw8/32

Mbega ukuntu inyokomuntu ari impumyi muri rusange! Brw8/33

Abantu ni nk’ifuku zibera mu myobo, bemera ko bashobora gupima imibereho yabo yose bakoresheje ibyumviro byabo nk’amatwi, amazuru n’ururimi, amaso atareba kure no gukabakaba. Brw8/34

Bityo ushobora kumanuka urwego rw’amaforoma y’ubuzima, ukibonera ibihumbi by’amoko y’ibinyabuzima bigengwa kandi bizitiwe n’ibyumviro byabyo. Ibyo bishobora kubona nk’ ‘impamo’ ni byo bigize ‘ikirukuri’ cyabyo bwite, isi yabyo yihariye. Buri rwego rw’imibereho rubabwaho n’ubwoko bunyuranye bw’ibinyabuzima rutandukanye n’urundi urwo ari rwo rwose ku rwego rw’isi. Ubariyemo na gatekerezi ya muntu **yafashwe mpiri** n’inyigisho n’amahame nyobokamana kandi ikaba inajishwe n’inyigisho

nya-siyansi n'indangururo z'imibare⁴. Inyigisho nyobokamana zahimbwe n'inyurabwenge ya kimuntu mu kugerageza gusobanura inyigisho z'Abigisha mu bya roho, bari bafite gatekerezi zarenze urwego rwa muntu zikajya ku rwego rw'ijuru hari imibonere ihumekewemo y' **'Ikirukuri Mpuzahose'**. Brw8/35

Inshoza nya-siyansi na zo ni impangano z'ibyumviro bya muntu bitekereza kandi bikita amazina ibintu byagaragariye imibonere nya-muntu mu gihe cy'igerageza. Brw8/36

Rero, iyo getekerezi nya-muntu ibashije gushyira ku ruhande bene ibyo byemerwa bigunnye, ikazamuka mu mushyikirano n' 'Ikirukuri' kirenze 'imitekerereze, inyurabwenge n'iyitirirwabwenge' bihanitse bya muntu byitwa 'ubumenyi', bene iyo gatekerezi yinjira mu nzego zisumbuye z' **IBONUNUMVA RY'UBUZIMA'**. Icengerwamo n' 'ukuri mpuzahose' kurenze urugero rw'ibyo gatekerezi 'isanzwe' ya muntu ishobora kubona, kwakira no kumva. Gatekerezi ya muntu ntishobora kumva ibirenze ibipimo mashanyarazirukuruzi by'imibereho nya-si n'imikorere y'ubwonko – kugeza urumuri rw' **IBonunumva Nya-Mana** rwinjiye mu rwungano rwose rwa gatekerezi, imbamutima no muni y'ibonunumva- icyo gihe ubumwe n'ubusabane bishingiweho birahishurwa. Brw8/37

Iyo imibonere nya-roho mishyashya yeretswe umuntu ufite gatekerezi yapakiwemo kiyobokamana, atekereza ko iturutse kuri 'Shitani', ko ari ibinyabasazi gusa cyangwa ibihimbano. Ibyo ni ibisanzwe kuko iyo imbamutima zishotowe cyane kandi zigahangarwa, nk'uko bigenda iyo ibyemerwa bikomeye bivugurujwe, mushyiguzi rukuruzi-mbamutima **'kurura-jugunya'** za jye-babona zihita zishyira nzira. Brw8/38

Ingingo cyangwa interuro iyo ari yo yose ituma gatekerezi yapakiwemo imererwa nabi, iburagira cyangwa igashoberwa izamaganwa ako kanya hifashishijwe 'impinyuza' zakusanyijwe zivanwa mu byemerwa bya roho irimo ibitekerano ngo zize gushyigikira ukwamagana. Ariko izo mpinyuza nyine ni ibyemerwa gusa. Brw8/39

Iyo ni imikorere nya-gatekerezi-mbamutima isanzwe ku rwego nya-muntu rwihariye. Brw8/40

Bityo, niba uku **KURI kwanjye** guhawe abafite imyubakire-mutwe igagaye kandi yapakiwemo ubwoba, cyangwa ikaba yaradanangiwe n'ubushake nya-muntu bwo gukomera kuri bene ibyo byemerwa byasharazwe, birumvikana ko **UKURI** kuzabyutsa imbamutima z'ibisare, kukamaganwa ku ngufu ndetse yenda n'amahane. Brw8/41

Ibi maze kuvuga ni imikorere nya-gatekerezi-mbamutima isanzwe ku rwego rwa muntu. Brw8/42

Ntabwo byagombye kunengwa kubera ko ubwenge bwuzuye ibitekerano bukoze ku buryo bwumva nta mutekano na muke, butakimenya iyo bugana cyangwa bwarohamye,

⁴ Mathematic formulas

iyi buhuye n'inshoza nshyashya. Izo mvugo za kimuntu zishushanya neza uko bigenda iyo gatekerezi yuzuye ibitekerano isembuwe n'imibonere mishyashya y'ibyari bisanzwe bifashwe nk'iby'agaciro, ibyo kwizerwa, iby'ukuri. Brw8/43

Mugisoma aya **Mabaruwa** bwa mbere, mushobora kwimenyera neza aho muhagaze mu bwenge no mu mbamutima. Ese murimo muravutswa iterambere nya-roho no gukomera buhumyi ku byemerwa byanyu bya none? Ese mushobora, mumaze kubitekerezaho mwitonze, kwibonera ko ibyo murimo mutsimbararaho **ari** – gusa – **'icyemerwa'** – icyemerwa ntabwenge? Brw8/44

Ni ngombwa rwose, mu iterambere nya-roho ryanyu, ko kera kabaye mwumva neza amategako agenga gatekerezi yanyu nya-muntu n'imikorere mbamutima. Mutekereza ko mubizi, ariko ntimubyumva na busa. Mwashobora kubyumva gusa ari uko mubisohotsemo burundu, mukabirenga, mukinjira mu rwego rwisumbuye rw'imibonere n'ubunararibonye – mu **KURI UBWAKO**. Brw8/45

Ubwo ni bwo mwatangira kubona ko mwebwe, n'undi muntu uwo ari we wese ku isi, mwabayeho kandi mukayobora ubuzima bwanyu hafi ya bwose mukoresha 'ibyemerwa' nya-muntu – bitari **UKURI**. Brw8/46

Hari abantu benshi bemera n'umutima wabo wose ko nibasengera kubona ikintu, kubaho cyangwa kubona icyerekezo cyiza mu bibazo, bazakira icyo kintu, uko kubaho cyangwa kubona inama bizateza imbere imibereho myiza yabo. Brw8/47

Bemera ko igihe (niba!) isengesho ryabo rizasubizwa, bazishima babikuye ku mutima kandi ko bazakurikira inama bahawe batajijinganya, uko byagenda kose, kuko niba ivuye ku Mana, nta kindi ishobora kuba cyo usibye igisubizo nyacyo kijyana ku munezero. Brw8/48

Nyamara, iyo abonye icyo yasabye, - ikintu, ubunararibonye cyangwa se icyerekezo -, hari ubwo wa nyaguhabwa Ingabire y'Imana ashoberwa agahungabana, ntashobore kwakira ko Ibonunumva Nya-mana ryabyivanzemo nk'uko yari yabisabye, ku buryo ayoberwa uko abyifatamo. Brw8/49

Niba gatekerezi zihungabana iyo icyo zasabye zigihawe koko mu buryo zitari ziteze – kuri he kwa KWEMERA n'ICYEMERWA nyakuri zari zizeye ko zikungahayeho? Ubwo se ntimunabona ko atari Ukuri ahubwo ari icyemerwa cyayoboye iyo njyana yose – usibye nanone ukubiyivangamo kw'Ibonunumva Nya-mana – igisubizo cyahawe isengesho? Uko kubiyivangamo ni cyo 'kirukuri' cyonyine muri iyo gahunda yose; ibisigaye byose ni icyemerwa n'icyizere – imyitozo nya-gatekerezi ikoresha ibyabaye kera mu gupima ibiriho none. UKURI kwanyu konyine ni Ibonunumva Nya-mana rijyana ku bukure n'ubutungane – iyo mwemeye mukomeje ko rizabikora. Brw8/50

Nimuhagarare ahangaha gato, musome, mwongere musome ibika bibanziriza, kuko ibibera mu ibonunumva ryanyu ari cyo gitambaro ubunararibonye n’ubuzima byanyu bidozemo. Brw8/51

Nk’ubu nimwibaze – ese mu by’ukuri MUBONA – MUZIRIKANA, MWUMVA NEZA Ikirukuri nk’ isoko y’ubumenyi bwose n’ubuhanzi – cyangwa murangwa n’urunwa gusa no kwakira bya nyirarureshwa muri gatekerezi Ibonunumva Nya-mana? Brw8/52

Ese mubaho byuzuye, umunota ku wundi, mu bumenyi ko IBONUNUMVA MPUZAHOSE ari ryo Kirukuri cyonyine n’Ubwenge Busumba ubundi bwose bukora mu irema? Ese mwisunga ku buryo buhamye amabwiriza yaryo asumbya andi yose akamaro, cyangwa mutekereza ko ibyiza ari uko mwakwiberaho mukurikije ubushake bwanyu bugufi na mushyiguzi mbamutima zanyu rimwe na rimwe zitazi iyo ziva n’iyo zijya? Brw8/53

Kandi se, iyo uhawe amabwiriza ataziguye yo gukurikira icyerekezo runaka, ariko ugahagarara wibaza niba icyo cyerekezo kikujyana aho wibwira ko ushaka kujya, uko se ni ko kwishyira mu maboko y’Ubuyobozi Nya-bwenge Busumba byose, Ibonunumva Nya-mana? Ahubwo icyo si ikimenyetso cy’uko jye-babona yawe ari yo igucunga? Brw8/54

Emwe n’aya MABARUWA, namara gusakazwa uko biteganyijwe, azahinduka ‘ibyemerwa’, aho kuba imibonere nya-roho itavangiye y’ ‘IKIRI’ aya magambo yakomotseho. Brw8/55

Ni gusa mu kuzirikana aya magambo mumaze gusaba imurikirwa nya-roho ‘Ikirukuri’ nya-roho kiri inyuma y’amagambo bizarangira cyirashe muri gatekerezi nk’agashashi k’urumuri. Brw8/56

Ibyo nibiba, MUZAMENYA ko muzi. Brw8/57

Abo muri mwe bateye imbere bihagije ku buryo bashobora kubaho ku nzego ebyiri, MWE mufite gatekerezi zishobora kuzamuka zikarenga ibikingi by’ubwenge bwa muntu zikagera mu rwego rwisumbuyeho rw’*‘Ikirukuri Mpuzahose’*, mushobora kuzahura n’abandi benshi, mu gihe kizaza, bazamagana aya MABARUWA nk’aho ari impimbamashusho, ariko ntibizabahunzabanye. Brw8/58

Muzibuke ibyo ndimo mbabwira ubungubu. MUtuye mu nzego ebyiri kandi nta muntu ushobora kurenga urwego rw’ ‘ubwenge busanzwe’ ataruzuza ibisabwa kugirango abone imurikirwa nya-roho. Ibyo bisabwa ni ikanguka nya-roho nyakuri, rigeza ku kubona byimbitse mu mikorere ya jye-babona n’ubu-giti, bikurikirwa no kwishinja... kwishinja... kwishinja... Iyi ni yo NZIRA YONYINE. Brw8/59

Kubera ko kwishinja na ko, ku ruhande rwako, kuganisha ku guta hirya urwego mbamutima-rukuruzi rwa ‘jugunya-kurura’, rwarundi, mu maforoma yarwo arusha andi ubukana, abantu bita ‘icyaha’. Brw8/60

Iyo umuntu yinjiye mu *rwego nya-roho* agacengerwa n’ibirango by’UBUZIMA, uwo muntu atangira kubona neza ndetse bikarangira AMENYE ko rukuruzi nya-muntu ya jye-babona yo ‘kwita kuri jye-jyenyine’ mu by’ukuri icutsa ROHO ku muvumba uhoraho w’ *‘UBUZIMA NYA-MANA’ utemba muri gatekerezi, umutima, umubiri, imibanire n’imibereho ya buri munsu*. Brw8/61

‘Ubwibone’ ni ubunararibonye nya-muntu, nya-si. Brw8/62

Kwishyira uko wakabaye wese, nta buryarya, mu maboko ya ‘BUZIMA-DATA’ bivanaho igihato hagati y’*urwego nya-roho* na roho. Umuntu ntaba agikeneye ‘kugira ubwibone’, ibyo UBUZIMA NYA-MANA buri byo byose ubu noneho bitemba mu mubiri we, muri gatekerezi, mu mutima, mu buzima no mu mibanire ye. Umuntu nk’uwo abaho bya ‘cyimeza’, agakurikira ibimujemo kandi iteka bikagaragaza mu gihe ko biri ntamakemwa. Brw8/63

‘UBUZIMA NYA-MANA’ BUBA BUHARI ITEKA NGO BUGERWEHO, igihe cyose umuntu afashije hasi ubushake bwe, akaBUhindukirira kuri buri cyifuzo. Brw8/64

Mugomba kwibuka ko ndimo mvuga igihe **mwinjiye mu rwego nya-muntu rw’ubwenge** kandi mukareka kwiringira ‘ubwenge’ n’uburyo nya-bifatika ngo bibageze ku byo mushaka mu buzima. Abantu benshi bibwira ko bageze kuri iyo ntera y’iterambere nya-roho, ariko barihenda. Brw8/65.

Iyo umuntu aretse inyurabwenge – **akamenya** nta gushidikanya ko ubuyoborwe bushobora kurambirizwaho mu kugera ku ntogo zimurikiwe, ubuzima bwe burahinduka. Inyungu zisuka mu buzima bwawe iyo umenye neza ko Ibonunumva Nya-mana ari cya Kirukuri kitabonwa – Ububasha – kiri ku murimo inyuma y’ibigaragara by’ubuzima bwawe, gikoresha ‘imbaraga z’ubuyanja nya-bwenge’ ngo kiguhe ibyo ukeneye. Si ngombwa guhakana ibigaragara no gushyira ububasha bw’igitekerezo mu kibazo ushaka gukemura. Brw8/66

Icyo ugomba gukora cyonyine ni ugufasha hasi ubushake bwite no KUMENYA ko, uko ubwenge bwawe bugufi bugenda burekura, ari ko ***Ikirukuri nta-mbibi*** kigenda kinjira ngo gishyire ku murongo ubuzima bwawe mu buryo bushya, ngo kigucutse ku nkingi zari zigusigasiye mu bihe byahise, kikuzane muri gatekerezi intumbero nshya igusaba izindi mbaraga, kandi ngo kikuyobore mu bindi bikingi by’imikorere. Ariko ibi iyo bibaye, ugomba kuba witeguye ‘kurekura bikagenda’ burundu. Brw8/67

Ugomba kureka kwihambira ku byaguhaga umutekano mu gihe cyashize, ukamenya ko ibifite umutekano wisumbuye by’ubundi bwoko bigutegereje uko uzagenda ukurikira imurikirwa ryawe. Brw8/68

Kubera ko iyo miterere y'imibereho nya-muntu/nya-roho n'ukugubwa neza kuzira amakaraza biterwa n'ubushobozi bw'umuntu bwo gushyikirana nyabyo n'**Ikirukuri Nya-mana**, ni ngombwa gusubira buri kanya mu kwiga byimbitse **Ikirukuri Nya-mana Nyirizina** n'uburyo irari rya jye-babona rikora ridahwema mu ibonunumva nya-muntu ngo ribambire ibyerekezo cyimeza by' **'Ubuzima Nya-mana'** muri gatekerezi. Magingo aya, muba mu buzima bwijimye bubaremereye, aho kubaho mubihagazeho mu **'Ibonunumva Nya-mana'** ngo muryinjiremo kandi mu **Rireke** ribacengeremo, rinezeze imitekerereze yanyu n'ibyo muhura na byo mu buzima. Muzakomeza gufungiranwa mu cyanya nya-gatekerezi mba-mutima cya za mushyiguzi mashanyarazi-rukuruzi, kugeza ubwo muzahagurukira gukoresha ububasha bw'ugushaka kwanyu ngo mushwanyuze nkana igitambaro kidozemo ibyemerwa byanyu byahanzwe na muntu, hanyuma mugere aho mubona neza ko Ikirukuri cyanyu ari **Ibonunumva Nya-mana** – atari umuryango wanyu cyangwa ububiko bwanyu muri banki. Nimugera kuri ubwo bushishozi, muzinjira mu **RUMURI** – kandi **URUMURI** ruzabaturamo. Brw8/69

Kubera kumva umuntu atari mu gitereko n'ihangana hagati ya roho irimo ijya mbere na jye-babona nya-muntu (ihatira umuntu 'kugaragara nk'aho ari mwiza' aho **'KUBA MWIZA KOKO'**, kandi ibiramambu ikaba itakwihanganira igitekerezo cy'uko ishobora kuba itari nta makemwa), muri iki gihe hari bake, mu bantu babona imurikirwa bakarihererekanya, bazavuga ukuntu ari ngombwa gufata igihe cyo kwisukura mu mutima. Abantu b'ubu bamenyereye kubona ibintu ku buryo bwihuse, urumuri rw'ako kanya, ubushyuhe bw'ako kanya, amafunguro, ibinyobwa, imyambaro, imyidagaduro, akaba ari yo mpamvu badashamadukira **UKURI** gusaba kwigomwa, gukora ibiruhije no kwitangira intego. Wongeyeho ko benshi muri abo bigisha baronka amafaranga menshi kubera imirimo yabo, bakaba bagomba kwerekana 'Ukuri' kuzabona icyashara. Brw8/70

Abigisha banyu nibababwira ngo inzira ibageza ku nzego zo hejuru bakoresheje ihererekanya ry'imurikirwa bwite, ntibizabuza ko bizaba bikiri ngombwa kwisuzuma byimbitse no kwiyaka izirika-jugunya ry' 'amarangamutima-rukuruzi'. Brw8/71

Niba koko muri mu nzira izamuka igana mu nzego nya-roho z'ikirenga, urugendo rwanyu ruzarangwa n'ibihe by'umucyo byo kwisuzuma utihenda no kwibona uko uri, kenshi bikurikiwe no kwizinukwa. icyo cyiyumviro cyijimye kandi kiryana ni igihindurizo cy'imbamutima rukuruzi. Brw 72

Aho mbere babona yatsimbararaga cyane ku kwibona nk'aho ari yo nkuru cyane, ndetse gusumba abandi, ubu noneho itangiye kurabukwa ukuri kubabaje ko idafite inenge nkeya gusa – ahubwo nyinshi. Umuntu wese ugeze kuri iyo ntera y'iterambere nya-roho azabona ko ari mu nzira y'ubwiyoroshye nyakuri. Brw8/73

Muzagire ubutwari nimubona bibabayeho. Muzaba murimo mukubura ibimene by'ibyemerwa bifutamye byanyu bya kera ku byerekeye mwebwe ubwanyu n'ubu-giti bwanyu bwa balinga. **Mwibuke ko ari 'umugambi' cyangwa 'agahimbazamushyi', cyangwa 'icyemerwa-karamata' byanyu bitanga ububasha buremyi bwo gukora icyo mushaka.** Brw8/74

Igihe wifuje, n’umutima wawe wose, kubirindura umujyo usanzwe mu maforoma yawe mbamutima rukuruzi, uba warangije gutangiza iyo migendere. Nusobanura neza intego ushaka kugeraho, ukazihorana mu ntumbero yawe mu nyandiko cyangwa muri gatekerezi, uzatahura bidatinze ko impinduka washakaga zarangije kwikora mu ibonunumva ryawe. Ibyo nibiba, uzumva roho yawe iruhutse ubone ibihe by’ibyishimo bitagira igitotsi. Uzaba urimo werekana ko **UKURI KW’UKUBA** kuzana ‘imitima iboshye’ mu bwigenge butagira amakemwa bw’ubuzima nya-roho. Brw8/75

Nanone kandi, mugomba kumva ko jye-babona yanyu igomba (ni ngombwa kugira ngo mushobore kuramba) kubemeza ko mwifitiye agaciro mukakagirira n’abandi. Ihinyu rikomeye ryose rituruka hanze rireba agaciro ka jye-babona rirasenya cyane. Ubwoba butera kwiheba n’irindimuka ry’icyizere wari wifitye bizakwemeza ko nta gaciro ufite ku isi, kwiyahura bikaba byaba inkurikizi cyimeza yabyo. Ni yo mpamvu iterambere ryawe rizaba, kandi rigomba kugenda, intambwe ku yindi. Brw8/76

Ntawe ugomba gutegereza ko abantu bahinduka burundu kubera amagambo y’inama bagiriwe cyangwa ibihe by’ imurikirwa. Imikurire ishobora kubaho gusa buhoro buhoro cyane – **ihumuka ku rindi**. Brw8/77

Ihumuka nya-roho nyakuri rizacengeza muri gatekerezi y’umuntu irebero rishyashya rizamushoboza gutangira kwitwara ku buryo budasanzwe mu bihe by’ubuzima bifitanye isano n’iryo humuka. Iryo humuka rigomba kuyobora ibikorwa by’umuntu kugeza rirangiriyeye ryose mu ibonunumva ubuzira herezo, rigahinduka kimwe mu bigize imikurire ya roho. Brw8/78

Urugero ni nk’umugabo utekereza ko azatsinda mu buzima natsindagira n’umunya ugushaka kwe ku bamwegereye bose. Akibwira ko nasakuza ari ho azumwa neza. Brw8/79

Nyuma yenda agakangukira kubona ko ntawe umukunda cyane, kandi ko abakozi n’ “inshuti” bamwirinda. Ashobora kurakara kurushaho kuko yumva asuzuguwe, cyangwa yaba ari roho itera imbere, akibaza icyo yashobora gukora kugira ngo ave mu kato. **UBUZIMA NYA-MANA** nibucengera mu RWUBATI rw’ibonunumva rye bugatuma amenya ko na we ubwe yirinda abasakuza, azabona umurabyo w’imurikirwa. Azumva ko kugira ngo anezerwe kandi atsinde, agomba gufata abandi uko akunda ko bamufata. Ushobora gusubiza ko iyo mibonere itamurikiwe byanze bikunze, ko iturutse ku bwitonzi rusange, kandi ko ari we ku giti cye wigereye kuri uwo mwanzuro. Nyamara si ko bimeze. Ibitekerezo bya Jye-babona bitangwa gusa na mushyiguzi ‘kurura-jugunya’, naho ubwitonzi bushya bukomoka ku **BWENGE NYA-RUKUNDO**. Brw8/80

Uyu ushobora kuba ari wo murabyo w’ihumuka wonyine azapfa abonye mu buzima bwe, ariko niba koko ari mu nzira nya-roho kandi ashakisha inzego zihanitse kurusha izindi zo kugeraho, azabona buhoro buhoro ko iyo ntsinzi ya mbere yo kuganza ‘jye-babona’ idahagiye. Azatangira kubona andi maforoma y’imyitwarire ya jye-babona atakekaga mbere. Azafata indi ntogo adashobora kugeraho muri ako kanya, ariko mu gihe gito, akoresheje isengesho n’izirikana, na yo azaba yayigezeho. Kuri ubwo buryo, inkurikirane

ze z’umuvumero w’ibonunumva zizazamurwa, maze intera ku yindi agane ‘Ingoma nya-juru z’Ibonunumva’ – ‘Ubwami bw’Ijuru’. Brw 8/81

Ikinyuranyo cy’ibyo, umutegarugori ashobora kumva afite umutekano ari uko yirinze kuduruvaya imiterere isanzwe y’ibintu. Akagira ubwoba bwo kwihagararaho iyo bamwubahutse. Umuntu ucisha make nk’uwo, n’ubwo yumva atekanye kubera kwihisha mu bucece, anagira inzika yimbitse kubera ko abantu batubaha babona ye icisha make. Bene abo bantu ku busanzwe bayoboka idini ngo babone umutekano no kumva bitaweho, no kubera kutumva amategeko agenga ubuzima; ashobora kuzigumira muri uko gucisha make kwe kugera ku ndunduro y’igihe cye ku isi. Brw8/82

Koko rero, kubera amagambo yanjye yanditse mu mavanjiri: ‘Hahirwa abiyoroshya kuko bazatunga isi ho umurage’, kiliziya yigishije ko gucisha make ari iby’agaciro, nyamugore ashobora kumva ko gucisha make ari yo nzira igana **URUMURI**. Brw8/83

Ariko, ako gategarugori kicisha bugufi karamutse kabonye **UKURI** ku byerekeye ‘ukuba’ kwako, kakabona inzira iboneye yo gushyikirana n’ ‘Ibonunumva Mpuzahose’, kageraho kakiyumvamo nta shiti ko, mu bya roho, kareshya n’undi uwo ari we wese. Yabona imurikirwa rihagije kugira ngo abashe kwivuga uko bikwiye. Yahabwa imbaraga zo kuvuga ‘ukuri kwe’ mu buryo bwiyeze kandi bushimishije. Brw8/84

Abantu bazatangira kubaha uwo muntu mushya, kandi azaba yerekana imikurire ye nya-roho y’imbere, yagezeho mu bihe bye yamaze yimanukamo. Brw8/85

Mwibuke, ntabwo muri ku isi kugira ngo ‘mushimishe Imana’, nk’uko kiriziya yanyu ishobora kuba ibibabwira. Muri ku isi kugira ngo ‘mugaragaze’ ‘Imana’ no kugira ngo mugende gahoro gahoro murushaho gushyikirana n’ ‘Ibonunumva Mpuzahose’ kugera ubwo mwigobotora ingoyi rukuruzi-mbamutima. Brw8/86

Ngomba kuberurira ko amagambo yanjye yahinduwe nabi mu Ivanjiri. Naravuze nti: “Hahirwa abafite imitima ituje kuko bazahabwa isi ho umurage”. Brw8/87

Niwitegereza isi, uzasanga ibihugu bifite ‘imitima ituje’ bisagamba bikabana nta makaraza n’abaturanyi. Ahari imvururu n’itsembabwoko, izo mpagarara ni ukwigaragaza kutaziguye kw’ ‘ibonunumva’ ry’abahatuye. Bene iryo bonunumva risenya igihugu rigatera ubukene n’uburwayi. Brw8/88

Rimwe na rimwe, igihugu nka Tibet, cyikundira akato kishyizemo, ibyemerwa n’imihango nya-roho byacyo, gishobora kuba kirimo gitunetswa n’ibihangano nya-muntu/nya-roho byacyo. Abagituye bakeneye gushyirwa hanze ku ngufu mu kajagari k’isi kugira ngo bagerageze ibyemerwa byabo. Bazanira kandi ‘ikirukuri mu mitekerereze yabo’ abandi baremerewe n’ibisubizo mbamutima-rukuruzi baha ubuzima. Ku ruhande ruto, babaye uburyo bwo kugobotora abantu b’ubu umubabaro bahura na wo. Brw8/89

Muri urwo rugendo rugana ***URUMURI, Ingoma nya-juru z’Ibonunumva Nya-mana***, muzanyura mu bigeragezo bigoye kandi bizababuza amahwemo kugeza ubwo muzagera

ku ntego yanyu nyakuri. Muzanyura mu bihe by'ibyishimo bihebuje n'ibihe umutima wanyu uzaba uremerewe, imbamutima zanyu zijuragizwa hirya no hino kubera ko muzumva hari uruzitiro rw'umutamenwa hagati yanyu n'**Ibonunumva Nya-mana**. Brw8/90

Mushobora kuba mwarumvise bya bihe by'umwijima n'akangaratete, igihe umuntu aba atakizi icyo agomba gukora cyangwa aho yakagombye kwerekera. Noneho, ku buryo butunguranye, mu gihe nyirizina ubwo bwigunge nya-roho butagishobora kwihanganirwa, n'umugenzi yarangije kurekera, **Urumuri** rukamurikira gatekerezi, wa muntu akabona igitangaza cy'ukuri kwerekeye imibereho kurushijeho kwimbika, akabona neza kurushaho **ISOKO Y'UKUBA** kwe. Azasendera ibyishimo kuko 'Imana yavuze'. Brw8/91

Yego, '**UBUZIMA NYA-MANA**' bwacengeye **Ibonunumva rye**, bumuzamura mu mutuzo mu nzira imugeza ku ibonunumva nya-roho ry'ikirenga ry'Ingoma z'Ijuru – Ubwami bw'Ijuru. Brw8/92

Ni yo mpamvu inzira ijya mbere inyura mu bihe nk'ibi by'amahishurirwa yimbitse. Bigomba kubikwa nk'ubukungu bikajya byibukwa, naho ubundi umurimo uteguza ukomeye w'ubujyewe uzaba impfabusa, maze umushakashatsi ahore asubizwa inyuma aho yatangiye ubushakashatsi bwe. Brw8/93

Ukwemera kugomba guhora gukomeye. Gushidikanya nta cyo bigezaho. Iyo manutse ku rwego rwanyu rw' 'ibonunumva', mbona abashakashatsi b'**Ukuri** batajenjeka, bazamurwa mu gihe cy'amasaha make bagatekerereza rubanda n'ibyishimo byinshi ubunararibonye bwabo, hanyuma, nyuma y'aho gato, bagashidikanya ku byo nyamara bahamyaga ko bari bahawe. Ibyo bidindiza imikurire ya roho. Ibyo bihe byo gushidikanya bigomba kurwanywa umuntu yivuye inyuma, bikaganzwa no kwimanukamo no gusenga. None se **gushidikanya** hari ikindi biri cyo usibye kujegaza ibyo wamenye kandi wemeraga. Brw8/94

GUSHIDIKANYA ni imbaraga z'ibonunumva riremyi nyarupfu rirwanya ubunararibonye nyirizina bw' '**UBUZIMA NYA-MANA**' bwazamuye roho yawe ikagera mu bushorishori. Brw8/95

Wiremamo ubushyamirane hagati y'ubunararibonye bwawe bw'**Ibonunumva Nya-mana** n'ubuhumyi bwawe nya-muntu. Birashoboka ko uzasenya urwibutso rw'uwo mwanya nya-mana, ugasibanganya ibisigisigi by'izamurwa n'imikurire nya-roho uwo mwanya wari warazanye mu ibonunumva ryawe. Ubwo bushyamirane buzagusiga unaniwe, wafotse. Kandi ushobora kutazanamenya ko ari wowe wenyine, nta muntu ugufashije – wizanyemo izo mpinduka nyarupfu ! Brw8/96

Mu nzira nya-roho, abantu bakunze kwitwara bene ibyo ngibyo bakabangamira imikurire nya-roho yabo, badahagarara na rimwe ngo bibaze uburenganzira bafite bwo guhora bagaruka muri uwo mwitozo wo kwirera bajeyi. Brw8/97

Abantu bakoresha gatekerezi zabo buhubutsi, bakonona ubuzima bwabo kimwe n'ubw'abandi bakoresheje ibitekerezo n'amagambo bituruka ku irari ya jye-babona yabo. Kuko ni gusa ibitekerezo mu buzima bwanyu hamwe n'imihindagurikire mbamutima birangirira mu mahane no gusenya – si uruhanga, imibiri, ibiganza n'amaguru byanyu, keretse iyo intonganya zivuyemo kurwana. Ariko no kurwana bituruka mu ipfunwe rya jye-babona muri gatekerezi no mu mbamutima, rica mu ngingo ngo risohore uburakari butagira rutangira. Brw8/98

Ni muri ubwo buryo urushako – cyangwa ubucuti – bitangirira mu byishimo bisangiwe bikazarangirira mu butindi no kwangana – kuko abantu basanga bidashoboka kuyobora irari rya jye-babona yabo mu buryo bwo guseruka bubungabunga ubuzima n'urukundo. Brw8/99

Ababyeyi n'abana barakundana kugeza ku myaka y'ubwangavu, noneho urwango rukaba nguru rukabishya imibanire yabo, iyo abana batangiyeye kwivumbura ku gitsure, ababyeyi na bo bagashaka guhana bihanukiriye. Nanone ubwo bushyamirane si ngombwa. Ababyeyi se ntibagomba kumva ko buri rubyiruko ruhatana kugira ngo rugire umwanya mu isi y'abakuru, kandi ko rukora ibintu mu buryo bushya kurusha abarubanjirije? None se abato bazagimbuka bate nibakomeza kuzirikirwa mu buto? Brw8/100

Iyo abana bamaze kuba ingimbi, haza 'igihe cy'imikurire' ku babyeyi, bagomba ubu kwitegura intambwe ikurikiyeho y'ubuzima bwabo – gukoresha ku buryo burushijeho guhumekerwamo impano zibihishemo, hanyuma bakitegura ubusaza, kwemera ubusazi n'amafuti byabo byahise, nyuma bakinjira batuje mu **Rumuri** ruhoraho. Brw8/101

Intonganya ni iz'iki? Imirwano ni iy'iki? Abantu bagengwa na jye-babona barwana inkundura ngo ku 'burenganzira' bwabo. Brw8/102

Abantu bakuze mu bya roho bakemura ibibazo byabo babiganiraho mu bworoherane. Brw8/103

Ibi bivuze iki mu magambo nya-muntu? Bivuze – kumva undi muntu umwumvisha mu magambo cyangwa bucece, ko uburyo **yyumvise/yyumva** mu kibazo iki n'iki bufite ireme kandi bukwiye icyubahiro kimwe n'icy'ibyyumvo byari/biri ibyawewe. Brw8/104

Igihe mufashwe mu guhangana bikomeye, nta n'umwe witeguye guhara n'agashitu k'ubutaka, jya ku ruhande ufate igihe cyo kubona neza ko ibyo murimo ari 'urugamba rw'ibonunumva'. Urugamba ntirwaje gusa nk'inkurikizi y'ibyakozwe koko cyangwa byavuzwe igihe mwari mwashyushye cyane – ibyabaye mu by'ukuri ni inkurikizi y'icyo muri cyo mwembi – mu ibonunumva. Brw8/105

Amateka yanyu abifitemo uruhare. Ubushyamirane buturuka kuri jye-babona ubwayo, ubwoko bw'irari rya jye-babona umuntu afite, imyumvire shingiro y'icyiza n'ikibi, imyifatire isanzwe buri wese afite ku bandi no mu buzima muri rusange. Bityo, igihe habaye ubushyamirane cyangwa ihangana, bwira uwo muhanganye ko ugiye gufata igihe

cyo guhagarara no gutuza kugira ngo ushobore kumva by'ingirakamaro kurushaho. Brw 8/106

Hanyuma ugaragaze ubwitonzi butyaye. Utabaze **Ibonunumva Nya-mana** ngo rizane **Ibonunumva Nya-rukundo** muri icyo kibazo. Brw 8/107

Ugerageze kubona neza – no kwishushanya – ko mwembi muhagaze mu **Rumuri rw'Ibonunumva Nya-mana**, mureshya ku byerekeye inkomoko ya roho, mureshya ku byerekeye indunduro – ko mwembi muri abantu nyabo, munganya ubumuntu, kandi ko buri umwe afite umwimerere-giti. Brw8/108

Kugeza igihe uzashoborera kwinjira byuzuye muri ubwo bumenyi – iyo myubakire-mutwe -, ntuzashobora guhagarara mu **Rumuri Nya-mana** ngo ukemure mu rukundo ayo makimbirane yanyu n'imbyiyumvo byakomeretse. Brw 8/109.

Garuka usange uwo muhanganye utange igitekerezo ko mukwiye guhura buri wese akagira iminota itanu cyangwa icumi yo gusobanura neza, yitonze, uko yumva ibyavuzwe – icyo mupfa nyakuri, uko ibyiyumvo byakomerekejwe, n'uko yumva byakemuka. Brw 8/110

Uhitemo kureka akabanza kuvuga, maze wongere urekurire icyo kibazo mu maboko y'**Ibonunumva Nya-mana**. Brw8/111

Nihaba inyanja y'ibirego bikakaye, ugerageze kuganza jye-babona yawe bwite ugakomeza **guceceka rwose** mu mutuzo. Bizafasha uri kuvuga kuko azumva ko atezwe amatwi. Bizamurinda kumva afite ipfunwe. Wumve ko urimo ufasha uwo muhanganye, ariko ibyo ntibitume wikuza ngo uramuruta! Brw8/112

Kora uko ushoboye kose urebe mu birimo bivugwa ingano y'ibiri byo koko kuri wowe – ibyo ari byo byose niba bihamye koko, ugire ubutwari bwo kubyemera. Wishime kandi unezerwe – kuko muri uwo mwanya ubonye uburyo bwo kureba mu ibonunumva nyamuntu ryawe bwite, bikaguha agahenge ko kwigobotora isura rimwe ry'irari rya jye-babona. Igihe cyose ushoboye kwikiza agashitu k'irari rya jye-babona, uha roho yawe 'umwanya wo guhumeka' wisumbuye, n'uburyo bwo kurushaho gucunga ubu-giti bwawe. Kandi unazamuka mu nkurikirane z'umuvumero w'ibonunumva, ukumva uruhutse kurushaho mu mutima wawe. Brw8/113

Muri ubwo buryo ugatera imbere mu buzima bw'umutima – no mu bwa roho. Brw8/114

Tega amatwi ibyiyumvo by'undi. Gerageza kwirengagiza amarangamutima yawe bwite wite ku y'uwo muhanganye. Wumve igikomere 'cye', umwitotombo 'we', imihangayiko 'ye'. **Ushyire ibyawo ku ruhande – wumve ibye.**

Ibaze – iyo umuntu aza kukubwira cyangwa kugukorera ibyo wabwiye cyangwa wakoreye uwo wundi, wari kumva umeze ute? Niba ushobora gucecekesha jye-babona yawe bihagije kugira ngo uhe agaciro ibi, uri mu nzira yo kuganza ubwoko bw'irari rya

jye-babona bushyira ‘jyewe’ hejuru y’ibindi byose ntibushobore guha agaciro ubundi buryo bwo kubona ubwo ari bwo bwose. Brw8/116

Mbere yo kuvuga, tegereza bucece mu mutuzo, ureke iminota icumi ya mugenzi wawe ibanze ishire – n’iyo byaba bivuga ko arangiza mbere y’igihe, noneho mwembi mugaceceka akanya gato. Brw8/117

Umugaragarize, bishimishije uko ushoboye, ko wumvise ibyo yavuze kandi ko ushobora kumva impamvu ababaye. Muri icyo gihe cyo kwicunga, ubone neza ko wungutse agashitu ko kubasha kwitegeka, kandi ko wateye intambwe ya mbere mu gukiza ibyo bibazo. Brw8/118

Ku rundi ruhande – niba utumvise neza ibyo yakubwiye, bivuga ko muri gatekerezi yawe hari ikintu urimo ukumira, ikintu arimo avuga udashaka kumva cyangwa kwakira. Kubera iyo mpamvu nanone, jye-babona yawe irimo iragucunga. Yiganze hanyuma umusabe asobanure kurushaho – nanone ukore uko ushoboye ngo wishyire mu mwanya we. Wumve akababaro ke. Wumve uburakari bwe. Brw8/119

Numara kwakira undi mu myumvire yawe ukanabyemera, kwirinda kwa jye-babona ye bizatangira gucuba, ubone atangiye gutuza. Muzumva mumerewe neza mwembi. Brw8/120

Numara gukora ibyo witonze, gahoro, udahubutse – uzavuga nawe ku buryo butomoye nk’ubwe uko wiyumvise muri ibyo bihe. Ntukoreshe amagambo agambiriye kumutera uburakari cyangwa kumutesha umutwe. Brw8/121

Wibuke ko:

- (a) Urimo urakora ibishoboka ngo ucunge jye-babona yawe nk’imbanziriza y’urukundo rutagira ikigombero.
- (b) Urimo urakorera kugera ku mahoro n’ubwumvikane hagati yanyu – ntabwo urimo ukorera amanota.
- (c) Igisubizo cyawe nticyagombye kuzana andi makimbirane kubera gukoresha amagambo ashobora kumurakaza nanone. Nibyongera kuba – ni ukuvuga ko jye-babona yawe yakuganje. Urwubati rwa roho yawe rwatsinzwe. Brw8/122

Niba mwembi muba mu nkurikirane nya-roho z’ibonunumva, hazakurikiraho ko uwo muhanganye azaguhira igisubizo nk’icyo wamuhaye – kukumva, gutekereza uko uhagaze no kubyakira -, ariko niba abaho wese mu nkurikirane nya-si z’ibonunumva, ushobora guhura n’ibibazo. Ashobora kumva ko urimo ugerageza gutsinda ibitego wigira ‘umutagatifu’, ‘umusumba’ cyangwa ‘umuruta’ mu buryo bumwe cyangwa ubundi. Muhumurize; umubwire ko gushwana na we bibabaje. Ko gusa urimo ugerageza uburyo bwo gutuma buri wese atega undi amatwi nta buhendanyi, ngo mugere ku bwiye bubabarirana nyabyo aho kuba ubwa nyirarureshwa, aho ibikomere mu byiyumvo bikomeza kuninda muri gatekerezi, mu mutima no mu mubiri. Brw8/123

Umwe yagombye guha undi uburenganzira bwo kuvuga mu magambo yoroshya ko atemeranywa na we – agatangira impamvu zifatika uko kutumvikana. Ishakemo imbaraga zo kwemera ko wowe, nk'ikiremwa muntu, bidashoboka ko wahora mu kuri, kuva – nk'undi uwo ari we wese - waravukanye irari rya jye-babona rikuboha rikagutegeka gufata no kurwana inkundura ku mpagararo y' "intoze iyoboye izindi". Ibuka ko mu gihe wibwira ko uri "intoze iyoboye izindi", undi na we ari ko atekereza. Bya muntu, atekereza ko nibura mureshya niba atagusumba. icyo ari cyo cyose jye-babona ye imutera kwitekerereza no ku mibonere ye, ni kimwe mahwi n'icyo jye-babona yawe ituma utekereza ku mibonere n'ibitekerezo byawe. Brw8/124

Iyo mushoboye kuzana **Ibonunumva Nya-mana mu rubuga rw'ibonunumva nyamuntu ryanyu**, muba mwarangije kwiyakiramo – mu rukundo n'impuhwe – ikirukuri nyamuntu cya buri wese muri mwe, muba mwarangije gushongesha ibyari njarupfu hagati yanyu, no kuzamura inkurikirane z'imivumero y'ibonunumva ryanyu, bikabasiga mwiyumvamo kurushaho koroha no kuvumera. Kubera ko ibyo bibasiga mu mahoro atavangiye, mutagihanganye, bifitiye agaciro k'ikirenga kugubwa neza kwanyu. Brw8/125

Ariko iyo wanze gutega amatwi "ukuri" kw'undi muntu ngo kugukore ku mutima ukwakirane imbabazi zuzuye urukundo, uko guta hirya kurema umurego mbamutima 'rukuruzi-jugunya' usanga kandi ugatiza umurindi ibindi bisigisigi by'imbaraga z'umurego wo kujugunya mu myanya mashanyarazi-rukuruzi y'ibonunumva ry'urwungano rwawe rwose. 'Rukuruzi yo kujugunya' iforora 'rukuruzi yo guhuza' hagati y'ingirangingo uburwayi bukinjira. Brw8/126

Iri hame ry'ubuzima ni ryo shingiro ry'ubuvuzi bureba imikoranire ya roho n'umubiri. Abantu bahora bagaya kandi bagacira abandi imanza na gatekerezi ifunze burundu ku byerekeye uruhare rwabo bwite mu makimbirane, birangira bahuye n'icyena cyimbitse mu myubakire y'umubiri cyangwa y'umutima byabo. Nibashobora gukurikirana no gukora kuri ayo marere yabo yo kugenzura abandi, kubacira urubanza no kwiyerurutsa bo ubwabo, kandi kera kabaye bakabasha guha "roho" yabo ububasha bwuzuye bwo gucunga jye-babona yabo, icyena icyo ari cyo cyose kizasibangana burundu. Brw8/127

Niba, mu makimbirane n'undi, utanze igihe n'umwanya wo kumva ariko ugahura n'intumva yanangiye umutima yizimba ku myumvire ye bwite nk'umuntu wakomerekejwe, ubwo uba wahuye n'ubuhumyi bwa jye-babona, nta kindi wakora usibye guseka, ukemera ko watsinzwe, ukigendera. Brw8/128

Niwigendera ariko wuzuye imbabazi kandi wumva neza ko jye-babona ye yamuheranye, yego uzaba wemeye ko watsinzwe, ariko uzaba wabonye intsinzi kuri wowe ubwawe, kandi uzaba wirinze kwinjiza imivumero njarupfu mu murima w'ibonunumva ryawe. Brw8/129

Ikibi kiruta ibindi ushobora gukora kugira ngo uhembere ubushyamirane ni ukubwira umuntu ko "atagombye kwiyumva gutyo", ko 'atavuga akomeje ibyo arimo avuga'. Ubwo

buryo bwombi bwo kuvuga ni uguhonyora ishema n'icyubahiro ugomba undi, ubwo ukaba utaye hirya 'ikirukuri nya-muntu' cy'uwo wundi. Brw8/130

Ushobora kumubaza uti 'ese ibyo uvuga urabitekereza koko?' Niba igisubizo ari 'yego' ugomba kubifata uko biri, ikiganiro kigakomeza uhereye kuri iyo ngingo. Brw8/131

Ntukirengagize na rimwe ibyo undi ashaka kukubwira kuko udashaka guha agaciro ibirimo kuvugwa. Ubwo ni ubugwari buha amanota jye-babona yawe. Ba intwari utege amatwi – amatwi yombi afunguye ngo wakire ukuri kuri inyuma y'amagambo. Brw8/132

Ugomba kwemera 'ikirukuri' cy'umuntu – wawkwemeranya na we cyangwa utawkwemeranya na we, n'ubwo haba harimo ibiguhoma umunwa cyangwa utishimiye. Ibuka - ntabwo uzi neza ibyo iryo bonunumva nya-muntu ryacyiyemo kugira ngo rifate iforoma rifite none. Niba uca urubanza, ukannyega, ukamagana mu buryo ubwo ari bwo bwose, washyize hagati yawe na we urukuta rutazavaho, uko waba wifuza kose kurenza amaso ibiri njarupfu muri we kugira ngo mube inshuti mu gihe kizaza. Mu buryo utazi, ibyo wamagana muri we bizakomeza kuba mu ibonunumva ryawe, bibe ishingiro ry'ubushyamirane buzagenda bututumba ku buryo amaherezo buzasumba urukundo umufitiye. Brw8/133

Utabishaka, mu gihe kizaza uzavuga ibintu bihishura ibanga ryawe ko utamwizera cyangwa utamwishimiye. Aho kwakirana urukundo intege nke ze ngo umufashe kuzibona no kuzirenga, uzatuma akwishisha kandi ntazigera akwizera. Jye-babona yawe n'iyе zizaba zarahanganye mu ibanga ku buryo nta n'umwe muri mwe uzaba abizi. Brw8/134

Urukundo rushobora guhinduka urwango. Ibuka – ubuzima bwawe ni IMIMERERE Y'IBONUNUMVA ibitekerezo n'imbamutima byawe bibitsemu nko mu isanduku y'umutamenwa. Reka kwakira no kwitaho bibe icyuma iyo sanduku ikozemo. Brw8/135

Iyo uhuye n'umuntu ukunze, n'iyо bwaba ubucuti gusa, ukabona mu buzima bwe bwashize harimo ibibangamiye ibyo wowe ugenderaho – ufite amahitamo:

- (a) Kugumana na we, ukemera ubuzima bwe bwahise, byashoboka mu gihe kizaza ukamwereka mu nyurabwenge no mu rukundo, ibizatuma atera imbere, ibyo bitashoboka,
- (b) Kumucikaho byihuse kugeza ubwo ushoboye kubona ibibazo bye ukabyakirana urukundo rukomoka ku **Ibonunumva Nya-mana** kandi na we akaba yakwemera umurongo ngenderwaho wawe. Brw8/136

Ntugomba na rimwe gushinja umuntu ko akoreshwa na mushyiguzi ya jye-babona. Abantu bose bagengwa na jye-babona mu buryo bworohеje cyangwa bukabiye. Ntuzigere na rimwe uhagarara ku buryo buzapfobya undi muntu. Brw8/137

Igihe nari ku isi, nahatiraga abantu kubabarira no kwirinda guca imanza, kunnyega no gukatiraho iteka. Brw8/138

Kiriziya yabisiguye nabi ivuga ko mugomba ‘gushimisha’ Imana mukunda abandi mukanirinda amarangamutima njyarupfu. Brw8/139

Ibi si byo nashatse kuvuga na busa. Nta ‘Mana’ iriho ikeneye ‘gushimishwa’ n’imyitwarire yanyu. Brw8/140

Mwirengereye ibizababaho kuko iteka ‘musarura ibyo mwabibye’. Amapaji abanza yose agamije kubarondorera ukuntu mwakwirinda kubiba urwiri mu murima wanyu w’imboga, **ukuntu mwagumana ubuziramuze, ibyishimo n’uburumbuke**. Brw8/141

Igihe kizagera mu mikurire nya-roho yanyu mukangukire impano ihebuje mufite mu mitwe yanyu – impano y’imitekerereze irema, nya-bwenge, kandi muzanabone-munumva ubwirengere ndengabipimo mwikoreye mu buryo bwo gukoresha iyo mpano. Brw8/142

Mu isi yanyu hari abantu b’ibitangaza bakoresheje gatekerezi zabo ku buryo bavana imibonere n’imikurire mu ngeruzabahizi z’ubuzima bwabo bwa buri muni. Intambwe ku yindi, bashakisha, basesengura, bagerageza ubundi buryo bwo kubona ibintu n’imyumvire yisumbuye, bagenda biremera intego nshya. Brw8/143

Bafata izo ntogo nk’imirongo migari izayobora imyitwarire yabo mu gihe kizaza. Kuri ubwo buryo bashobora gusukura imitekerereze, amagambo n’ibikorwa byabo kugira ngo bareme bushya imyitwarire yabo mu isi n’imibanire yabo n’abandi. Brw8/144

Abo ni abantu ‘biyubatse ubwabo’ – ariko ni gake cyane wasanga bataranakomoye imbaraga, urumuri, imurikirwa no kutajegajega mbamutima ku isoko yisumbuye – **Ibonumva Nya-mana** cyangwa ku myumvire yabo y’icyo bashobora kuba bita ‘Imana’. Brw8/145

Igihe nari ku isi naciriye abantu umugani w’ ‘Amatalenta icumi’. Naravuze nti: Umuntu wari ukize cyane yari agiye mu mahanga by’akanya gato, asigira buri umwe mu bagaragu be batatu umubare w’amafaranga. Brw8/146

Umwe amuha amatalenta icumi, undi atanu, uwa nyuma amuha italenta rimwe. Brw8/147

Agarutse abaza buri mugaragu icyo yakoresheje ya mafaranga. Brw8/148

Umwe avuga ko yakubye kabiri igishoro cya shebuja, undi avuga ko yungutse icya kabiri, uwa nyuma avuga ko yayicariye, atinya guhomba icyo yari yarahawe. Brw8/149

Shebuja ashima abagaragu babiri ba mbere kubera ubushobozi n’ubwenge byabo ariko arakarira umugaragu utaragerageje kugira icyo amaza na busa italenta rimwe yari yararagijwe. Brw8/150

Buri wese muri mwe ku isi afite umubare bwite w' 'amatalenta' yo gukoresha. Niba ku bwawe wumva bikugoye kuvumbura inzira iruta izindi yo kungura italenta n'impano byawe bwite, – kogota ku **Ibonunumva Nya-mana** ukoresheje kwimanukamo, maze urebe ngo buhoro buhoro ibitekerezo biraza kandi biberanye mahwi n'uwo uri we. Brw 8/151

Mu mujyo umwe - itegereze uko wakoresheje amatalenta yawe mu buzima bwawe. Waba waratwawe burundu no kwiremera umunezero n'ibyishimo byawe bwite – cyangwa wanahaye igihe kuzamura no guteza imbere ubuzima bw'abandi? Brw 8/152

Biteye ubwoba kubona impano ziruta iz'abandi, ukarangiza ubuzima bwawe warazisesaguye mu iraha ry'ubuzima. Amasomo yose wiregangije kwiga, imikurire waciye iruhande, iterambere nya-roho wirinze nkana – ni imisozi wiremeye ugomba kuzazamuka mu buzima buzakurikiraho. Izazibiranya inzira yawe uzagombe guhangana na yo – bunyaroho – cyangwa izongere yisubiremo mu buzima buzakurikira. Brw8/153

Si ngombwa kugera kure mu by'isi, kugwiza amajyambere, ubukire, cyangwa kuba ikirangirire. Brw8/154

Ushobora gukoresha amatalenta yawe nk'umubyeyi, ushakisha uburyo buruta ubundi bwo kugera ku ntego z'umurimo wawe wo guteza imbere imibereho myiza y'abana bawe. Ni uwuhe muhamagaro waruta uwo kuba 'umubyeyi mwiza ukunda', cyane cyane ufashe nk'urugero **Ibonunumva Nya-mana Data-Mama** rigambirira gusa ubukure, igaburo rya gatekerezi n'umubiri, ugukira kwa gatekerezi n'umubiri, ukuvugururwa kwa gatekerezi n'umubiri, kurinda mu buryo bwose no kuzuriza igikenewe **cyose** cya gatekerezi, imbamutima, umubiri – mu rwungano rw'Itegeko, Umurongo uboneye n'Urukundo Rutagira ikigombero. Nk'umubyeyi – wigeze ugerageza kungana **Ibonunumva ry'Isoko Nya-mana** yanyu **y'Ukuba**? Brw8/155

Bamwe mu bantu bakoresheje neza impano zabo ni abagaragu – abareze abana b'abandi mu bwitange n'urukundo, bagasukurana umwete inzu mu mfuruka zose, bakaremera umukoresha ahantu h'amahoro, umutuzo n'umutekano, mu rukundo n'ubugwaneza. Izo ni za roho nkuru, zimwe zihangiye inzira zitaziguye zigeza mu Ngoma y'Ijuru. Brw8/156

Ku rundi ruhande, hari abantu bakoresheje impano zabo mu migambi yo kurimbura abandi kugira ngo bikuze mu bwirasi n'umutima muke wabo. Mu mpera, imikoreshereze yabo ya gatekerezi zabo yabaganishije ku irimbuka ryabo bwite. Mutekereze abantu, mu gihe cyashize n'icy'ubu, bojeje abandi mu bwonko bakabarundurira mu myivumbagatanyo. Bahindutse abanyagitugu. Nimutekereze noneho ibizaba amaherezo y'abo banyagitugu. Bene abo bantu bakoresheje nabi impano bagabiwe n' 'ububasha bwa gatekerezi' bazarangira babyishyuye, ariko se batabanje konona ubuzima bw'abantu ibihumbi n'ibihumbagiza nta mpamvu igaragara, kuko nta mpamvu 'igaragara' ishobora kubaho yo guhindura ibihugu inzitane z'ikotaniro no kuzambya ubukungu bwari burumbutse. Brw8/157

Nimutekereze imiryango yiganjemo ihohoterwa mbamutima na nya-gatekerezi. Iyo ni imikoreshereze iteye isoni y' 'ububasha nya-gatekerezi'. Igarukira iyo nkozi y'ibibi ku buryo bwinshi bunyuranye, - nk'ubuzima bubi, uburwayi, kuzongwa n'ibiyobyabwenge, guforoka no kwiya. Brw8/158

Nyamara muzirinde gukoresha ubwonko bwanyu, ubwenge, ubuhanga, ubumenyi, cyangwa uburere ngo munenge, mucire imanza cyangwa mwamagane abatageza ku bipimo byanyu by'ubushobozi n'ubuntu mu gice icyo ari cyo cyose cy'ubuzima bwanyu. Brw8/159

Nyamara kandi nanone, kubera ko kunenga, guca imanza no kwamagana ari ibisanzwe nko guhumeka kuri jye-babona nya-muntu, **ntimuzagerageze guhakana ibyo mubona byagombye guhinduka**. Kugenza gutyo ni uguhakana ikirukuri cy'imigendere iranga ubukure. Umugambi uri inyuma y'imibereho ni ukugerageza ibintu – no gukura ushingiyeye kuri iryo gerageza. Rero, ntimugace imanza, ngo mwamagane cyangwa mute hirya ubushobozi buke mubona ku bandi, ahubwo mujye mwihutira gushyikiriza **Ibonunumva Nya-mana** ibyo mubona, kandi **musabe mutaretsa ko ikibazo gihabwa Igisubizo Nya-Mana**. Mutsimbarare ku myumvire y'uko igihe cyose n'ahantu hose **Ibonunumva Nya-mana** rikuruwe mu kibazo, umusozo iteka uba imikurire n'iterambere by'abo bireba bese. Brw8/160

Mugerageze kugumana mu mutwe ko muri ku Isi kugira ngo mumanure Ibonunumva Nya-mana mu buzima bwanyu bwa buri muni, mu mibanire yanyu no mu bibakikije. Muri aho kugira ngo mukoreshe gatekerezi zanyu muri uwo mugambi wihariye. Brw8/161

Igihe navugaga ko nje kubafasha kubona '**UBUGINGO Burumbutse kurushaho**', nashakaga kuvuga ko nje kubafasha guhambura ingoyi rukuruzi mbamutima no kubona gushyikirana nyakuri n'**UBUZIMA NYA-MANA – Isoko y'Ukuba kwanyu**. Muri uwo muhuro ni ho hava **UBUZIMA** burushijeho gutubuka, burenze kure 'ubuzima nya-bifatika' muvana mu byo murya byonyine. Muri uwo muhuro ni ho hava icyerekezo, uburinzi, **n'Inzira Imurikiwe Bumana**. Brw8/162

Mushobora kubyita 'Inzira y'Ibonunumva rya Kristu' Brw8/163

Igihe mubonye ukuri kurushijeho kwimbika mbere kwari guhishwe ibonunumva ryanyu, mugomba kwakira no kwishimira ko **Ibonunumva Nya-mana** ryacengeye ibonunumva nya-muntu ryanyu rikavugira mu bwenge bwanyu. Mujye mushima mutizigamye, mukunde iyo mpano kandi munayunamire. Ntimukayifate nk'ibisanzwe, naho ubundi mwaba mubuza **UBWENGE BUKUNDA** kuzongera kubinjiramo. Brw8/164

Muzibaza impamvu mwongeye kumva muri mwenyine ako kageni. Brw8/165

Abantu bavuga ibyerekeye ngo guhindurwa na 'Roho ibarimo'. Brw8/166

Iyo mvugo ‘Roho ibarimo’ si imvugo itari yo. Nakoze uko nshoboye kose kugira ngo mbakuremo imvugo ya kera ishobora kugira igisobanuro kitari cyo kuri mwe. Ariko nanone ndashaka ko mwumva ko niba mwarumvise neza **ibyo nshaka kuvuga koko** (kubera ko numviswe nabi bikabije mu gihe cyashize ku buryo ndashaka ko byongera), mutagomba kubohwa n’imvugo ubwayo. Igihe cyose mwumva neza ko ‘Roho ibarimo’ bishatse kuvuga mu by’ukuri – **‘IBONUNUMVA RY’UBUZIMA NYA-MANA’ rikora rituruka mu IBONUNUMVA MPUZAHOSE RITAGIRA IHEREZO** - kandi ko ntaho ihuriye na ‘roho z’abagiye’, mushobora gukoresha amagambo arushijeho kugira icyo ababwiye, apfa kuba afite igisobanuro cyabahawe muri aya **Mabaruwa**. Brw8/167

Tugaruke ku byo navugaga mu ntangiriro y’iki gika gishya.

Bikunze kuvugwa ko abantu bashobora ‘guhindurwa n’imbaraga za Roho’. Brw8/168

Uko guhinduka ntigushoboka. Nta kintu ‘kiri ukuri’ muri jye nya-muntu yanyu gishobora guhindurwa. Roho yanyu yakuwe mu **‘IBONUNUMVA RY’UBUZIMA NYA-MANA’** kandi kubera iyo mpamvu iratunganye. ‘Ubu-giti’ nya-muntu bwanyu ni ubw’akanya gato kandi bukozwe gusa na mushyiguzi rukuruzi-mbamutima za ‘kurura-jugunya’. Ni yo mpamvu **Ubuzima Nya-mana bugomba gucengera buhoro buhoro ibonunumva ryanyu ngo bubahatire kwiyaka bya bya mushyiguzi kugira ngo bugaragaze ikirukuri nya-roho. Ahari nshobora kubibasobanurira neza cyane nkoresheje umugani**. Brw8/169

Umukobwa mwiza cyane bamuhishe mu bitambaro byinshi by’ikijuju byari bishushanyijeho uruhanga rw’igihirivi. Bityo ukuri kw’ukuba kwe kugirwa ibanga, bake bakaba ari bo batinyuka kumwegera kubera isura mbi ye. Arakura aza kubona neza ko impamvu y’ubwigunge n’ibyago bye, kudashobora kwisanzura no kubura ubuziramuze, byaterwaga n’ibyo bitambaro. Ariko yari abimenyereye ku buryo yumvaga atazashobora kubaho atabyambaye. Nyuma aza kugira amahirwe yo guhura n’ ‘umwigisha wamurikiwe’ ukomoka mu kindi gihugu, ashobora kumwemeza kvanaho yibura igitambaro kimwe. Amaze igihe kirekire yishakamo imbaraga zo kubikora, yiyambaza uwo ‘umwigisha’ we ngo amufashe kukivanamo.

Umwigisha amuzamura amaboko maze bombi hamwe bakuramo cya gitambaro cyari gishushanyijeho uruhanga rw’igihirivi. Atangira kumva afite ibyishimo. Hashize akanya, yumva ashatse cyane kvanamo ikindi gitambaro, nanone ‘umwigisha’ we aza kumufasha kukivanamo. Bikomeza bityo. Uko yagendaga abivanamo, ni ko yumvaga yisanzura mu mikurire ndetse buhoro buhoro akagenda abona ukuri kw’ibimukikije, abona neza ibiti, inyoni ku mashami akumva neza, nk’uwatwawe, uko ziririmba neza by’igitangaza; akabona ubwiza mu maso y’abandi, noneho atangira kumva urukundo rumutemba mu mutima. Ubuzima butangira kuba koko impano Nya-mana ikwiye kwishimirwa. Buri muni ashimira ‘umwigisha’ we kuba yaramufashije kuba umuntu unezerewe gutyo. Brw8/170

Amaherezo, igihe kiza kugera ubwo atari agishobora kwihanganira igitambaro cya nyuma yari yambaye. Yari azi ko cyamubuzaga kubona urumuri rurushijeho, ubwiza, ubusabane n’umushyikirano w’urukundo n’abandi bantu beza. N’ubwo atari azi uko azabigenza amaze kukivanamo, ajya kwihereza mu bucece hamwe n’umwigisha we maze asaba ko icyo gitambaro cya nyuma kimuvanwaho. Brw8/171

Cyari igihe cy’umubabaro ukomeye kuko icyo gitambaro cyasaga nk’aho ari igice cy’ukuba kwe. Nyamara yarasenze, arasega, nuko mu **Rumuri** rurabagirana, igitambaro kimuvaho kigurumana. Isura yasigaranye yari **Ikirukuri** cye – **nuko agera ku bwigenge bw’umutima bwuzuye! Brw8/172**

Gusa, ubu noneho **Ikirukuri**-giti cye cyagombaga kubona uburyo bwo gukora mu bimukikije; ku buryo butunguranye biragorana. Brw8/173

Kubera ko imibonere ye y’**Ikirukuri** mu bimukikije no muri we nyirizina yari isobanutse neza kandi birenze kamere, urubuga rwamuhuzaga n’abandi bantu rwari rwahindutse mu mizi yarwo. Nta mahoro yari agifite mu bimukikije haba mu mibanire ye n’abandi mu buzima cyangwa ku murimo, kandi ntiyaragishobora kuguma kuba umwe mu bagize umuryango we. Brw8/174

Abantu baramubonaga bakagira bati: ‘Yoo, ese ni uko umeze! Nta n’igitambaro wifurebye! Mbega ishyano! Uratangaje rwose – ndetse bwarayaze.’ Nuko bakamutera umugongo. Brw8/175

Murakeka ko yabigenje ate? Ko yifuje kugaruka mu gihe yari afurebye biremereye nk’abandi? Oya, yari yarabonye amahoro, ibyishimo no kuzurizwa ibikenewe, ku buryo yasize umuryango we akajya kwiherera agasanga izindi roho zashoboraga kumwakira mu kuri kwe zikamusubizanya urukundo n’ibyishimo. Brw8/176

Ngaho nimumbwire: ubwifurebe bwe, ubu-giti bwe bwarahindutse? Oya, **afashijwe n’ ‘umwigisha’ we**, yiyambuye ubwifurebe bwe bwite amaze kumvishwa n’ ‘umwigisha’ we (**IBONUNUMVA RY’UBUZIMA NYA-MANA**) ko ari cyo cyari gikwiye. Uko yagendaga avanaho buri gitambaro, yagendaga yegera buhoro buhoro ubumenyi bwimbitse bw’**Ikirukuri-Roho** gihishwe n’ubwifurebe bwe (ubu-giti). Brw8/177

Ubu noneho mushobora ahari kumva ko ‘ubu-giti’ nya-umuntu ari nk’urudandi rw’igitagangurirwa nya-gatekerezi-mbamutima, rimwe na rimwe ubwifurebe busa nabi bw’imikoranire iremereye hagati ya rukuruzi ‘kurura/zirika’ na rukuruzi ‘anga/jugunya’. Abateye imbere mu bya roho bashobora kubona ubwo ‘bwifurebe’ busa nabi bubuditse ku ruhu rw’abantu bafite imvugo nyandagazi n’ibitekerezo byibanda gusa ku mikorere nya-si ya jye-babona. Brw8/178

Ku rundi ruhande, iyo umuntu atangiye gusiga inyuma ye inzego z’ibitekerezo n’ibisubizo nya-si, uruhu rutangira gucya n’urumuri rukabengerana mu maso he. Mu gihe ‘ubugiti nya- si’ bugenda bukendera buhoro buhoro, umubiri ugenda urushaho guhinduka “nya-roho”. Ibi bigaragarira neza abantu bafite impano y’imibonere nya-roho. Brw8/179

Ntimugire ubwoba bwo kuzasohoka mu myubakire-mutwe nya-si mu gihe kiri imbere. Muzagenda muyicikaho gahoro gahoro, mu iruhuko ritagira iherezo. Intego yanyu nyayo mu buzima izagenda irushaho kugaragara, no kwiyeemeza kuyigeraho kwanyu kugende kurushaho gukomera. Brw8/180

Ushobora kuvuga ko atari kenshi wishora, muri gatekerezi no mu mbamutima, mu bitekerezo n'ibiyumvo mbamutima rukuruzi. Ariko nusuzuma ibitekerezo byawe byizana, uzasanga uganjwe umunsi wose n'ibitekerezo-rukuruzi 'kurura-zirika' na 'hurwa-jugunya'. Gatekerezi yawe icika ururondogoro rutaretsa rw'isobanura n'icamanza, rw'inenga, indumva-nshaka n'indumva-nanze, imyiyumvire-ngaruka ishyira inzika cyangwa urwango, irari ry'ibintu bimwe na bimwe n'ubwoba bw'uko ibyo byifuzo bitazuzuzwa, guhatanira intsinzi no kubabazwa cyangwa kurakazwa n'abakubuza kugera kuri iyo ntsinzi. Brw8/181

Iyo jye-babona ari yo itegeka, usenga asengana ukwemera abishyize ho umwete. Ako kanya, nyuma y'isengesho, yahura n'umuntu, agatangira kumutekerereza n'agahinda impungenge yatuye 'Imana' ngo azibonere igisubizo uko bikwiye, agira ngo agirirwe impuhwe n'urukundo nya-muntu; ubwo – iforoma n'imbaraga by'ibonunumva byari byarekuwe n'isengesho, 'gusaba, kwemera no gushishikara', bigahindurwa imfabusa no kwigirira impuhwe. Brw8/182

Ku busanzwe gatekerezi ni nk'igishanga, isayo ry'ibitekerezo bishyamiranye. Mu gihe cy'umuhangayiko, umuntu ashobora guhatanira kwibanda kuri gihamya cyangwa ku myumvire itanga ubuzima, ariko nk'akabwana gakina kajugunya hejuru igipurizo gihazemo umwuka, icyo gitekerezo gihita gihanagurika mu mutwe, noneho ya mitekerereze imuhangayikisha yashakaga kwirinda nanone ikamuganza. Maze bigakomeza kuzurungutana muri gatekerezi, kugeza ubwo umuntu ashatse kuva muri ubwo bushyamirane. Brw8/183

Uko kuganira nawe ubwawe imbere muri wowe gushobora gukurikira imirongo isa n'iyi: 'Sinshaka kubyuka. Sinshaka gusamura. Sinshaka gutegeka imigati ngendanwa, sinshaka kujya gukora, sinshaka guhura na ba kanaka uyu munsi, sinshaka kumesa, sinshaka gukora iki, n'iki, na kiriya'. Brw8/184

Nguko uko urutonde rwo 'kwanga ubuzima' rukomeza umunsi wose mu bantu batishimye. Brw8/185

Ariko – aho kugira ngo witotombe mu bitekerezo, icyo kiganiro gishobora gukurikira uyu murongo 'Ntabwo NIYUMVA mo...' Iyo myiyumvire yose ituruka kuri mushyiguzi za jye-babona yanga imirimo nk'iyi kuko ibonwa nk'irambiranye, idashimishije, cyangwa imeze nk'umutwaro. Brw8/186

Ku rundi ruhande, ushobora gukanguka ukavuga cyangwa ukiyumvamo ibi: 'Ni ku wa gatandatu, ngomba kugira vuba nkambara, nkajya ku isoko, hari ibintu nshaka kugura. Ngomba kujya kugura inkeri zitarashira. Ngomba kumanuka nkajya mu isoko gushaka aho bagurisha make. Ngomba kuvugisha umugabo wanjye neza kugira ngo ampe amafaranga. Ndizera ko nza kubona Patrick mu biro bye. Ndashaka ko Databuja mushya ankunda, ni yo mpamvu ngomba gukora ntizigamye kandi nkamushimisha. Ndizera ko Umugabo wanjye aza kugura ya modoka nshya. Ndizera ko nza kubona aho mpagarika imodoka ninkomeza kutiheba. Ndizera guhabwa agahimbazamusyi. Brw8/187

Ibi bitekerezo byose bikomoka kuri mushyiguzi zo kuzirika za jye-babona: ‘Ndumva nshaka’. Brw8/188

Ushobora nanone guhambiranya imyiyumvire inyuranye yo ‘kuzirika’ no ‘kujugunya’: ‘Ndizera ko abana banjye bajya kuryama hakiri kare bityo ngashobora kuruhuka. Nanga iyo bampamagaye ngo barashaka amazi ngo baranashaka ko mbasomera inkuru kandi ninaniriwe, ariko ngomba kuba umubyeyi mwiza nkamarana umwanya na bo’. ‘Ndizera’ ‘ko nshobora’ ‘ngomba’ ‘umubyeyi mwiza’ ‘kumarana igihe’ byose bihujwe na rukuruzi ‘kururura-zirika’. Ibyo ni ibintu ‘ushaka’ ku giti cyawe. Ibyo bitekerezo bikomoka kandi ku bwoba – ubwoba bwo gusabwa gukora byinshi kurusha ibyo wumva washobora gukora muri uwo mwanya. Ubwoba bwo gutenguha uri umubyeyi. Ubwoba ni mushyiguzi itaziguye ikomoka kuri jye-babona, isaba ko ukora iyo bwabaga ngo wigirire icyizere kandi wemerwe n’abandi, kandi nyamara ibona neza ko atari byo. Brw8/189

Kubera amajyambere y’insanzuramuco, mushyiguzi rukuruzi ‘zirika-jugunya’ ziragoye kandi zirasobekeranye ku buryo zigoye kuzisobanura no kuzitandukanya. ‘Nanga’ ‘gushaka amazi’ ‘gushaka ko nsoma’, ‘ndananiwe cyane’ ibyo ni imyiyumvire ya rukuruzi ‘kwanga-kujugunya’, kandi kubera ko kujugunya no kwigizayo bisaba imbaraga zirenze izo kwakira no kuzirika, ubushyamirane bukurimo buzagera aho wumve bwakuvanyemo umurava, bwaguciye intege, ndetse wumve wigaye, udashobora kubona intege zo gukora icyo ushaka mu by’ukuri ku bwawe: ‘kumarana igihe n’abana, kubasomera inkuru, kubafata kibyezi’. Ibyo ni byo byatuma wumva unyuzwe, umerewe neza, kubera ko uzi, ku rwego rwimbitse, ko icyo gihe waba wumva urukundo kandi utanga urukundo – mu gihe za ‘ndashaka’ ‘sinshaka’ zose ari igisaho gitwikiriye icyiyumvo cy’urukundo. Iyo ufite umushyikirano n’ubujyewe bwawe bwimbitse kandi ukabaho mu rukundo ukanarwerekana – ubaho mu mahoro n’umunezero by’ukuri. Brw8/190

Nanone kandi, umenye ko uko kwivugisha kutaretsa mu babyeyi bagira impuhwe, agatangaro kagira kati: ‘Ngomba kumarana na bo igihe gito’ ni igitekerezo gikomoka ku **IBONUNUMVA RY’UBUZIMA NYA-MANA** ariko yenda uzibwira ko ari ibonunumva ryawe rikubwiriza ibyo wagombye gukora. Brw8/191

Yenda mwatangiye kubona ko gatekerezi n’imbamutima byanyu bisa nk’aho biri mu irasaniro, aho ibitekerezo byanyu bishyamiranye bikurikirana vuba ku buryo mutabonamunumva na busa ibyo murimo mwikorera mwebwe ubwanyu. Gatekerezi yanyu ni urwicundo. Ibyemerwa byanyu, ibitekerezo mukomeyeho n’imyakirire y’ibibaye bihinduka bikurikije imihindagurikire musanga mu mibanire no mu bibakikije – urwicundo rw’ibyo mukunda n’ibyo mwanga, rw’inzi n’ubucuti, rwo guhambira no kujugunya. Iyo sahaha yose ikomoka ku myumvire ya nyirarureshwa y’ibibera mu by’ukuri mu bibakikije ku rwego ruri muni y’ibigaragara. Musa nk’amato yogoga ku nyanja. Mushobora kubona ijuru, ariko nta n’agashweswhe mufite k’imikurire, umuyego n’ubukozi bw’ubuzima bibera muni y’ubwato bwanyu. Brw 8/192

Ibi bivuga ko ushobora gutekereza ko urimo ushyikirana n’umuntu ku buryo bunoze, ariko mu nsi y’ibigaragara n’inyuma y’urugwiro yerekana, incuti yawe igashobora kuba

irimo yiyumva nk'iyatereranywe kandi uhari, ihangarije kumvwa no kuvugishwa ku rugero rurushijeho kumwitaho no kumwakira, biberanye n'ibyo mwembi mukeneye. Brw 8/193

Reka dufate urugero rukurikira. Wagira ngo ntacyo bitwaye ari kuri wowe ari no ku bandi. Nyamara isesengura riri bukwereke ko wabisangana ibindi byose usibye ubuzirakarengane: 'Nizere ko rya shyano ry'umugore ritaza ku kazi uyu muni'. Brw8/194

Mbere na mbere, kugira ngo uvuge iyo nteruro, mu **ibonunumva ryawe ryihishe** witegereje imyitwarire ye, umucira urubanza kubera ibibazo biterwa n'imico ye mibi. Wamwambitse mu ijosi icyapa cyanditseho ngo 'umugore w'umunyamahane'. Waremye imbaraga z'ibonunumva zambaye izina rye. Ntabwo bizamugwa neza. 'Urifuza' ku rwego rwa rukuruzi (atari ku rwa roho) ko **ataza ku kazi** kugira ngo bitakubangamira mu mibereho yawe. Muri ya nteruro yo hejuru uragaragaza ko uri wese mu nzara za 'jye-babona', kubera ko utigeze ufata akanya ko kwibaza niba ataba afite ikibazo ndanga kamere, indwara se ihishe, ubukene cyangwa ikibazo cy'amafaranga bishobora kuba intandaro y'amahane ye. Kwifuza ko aza gusiba birasa no 'kumuvuma'. Niba imitekerereze yawe yari yuzuye ubukana n'ububasha, birashoboka ko azahura n'imbaraga z'ibonunumva njarupfu rizatuma amererwa nabi ntaze ku kazi. Brw8/195

Iryo hame nyirizina ni ryo rigenga imikurire y'umugaga mbamutima kugeza ubwo uvamo kurendegera kw'ubwonko. Brw8/196

Iyo umurego mbamutima utangiye, gatekerezi n'imbamutima bisiganwa n'imyiyumvire rukuruzi-mbamutima yo 'kujugunya-guhurwa-kwanga'. Umuntu yinjira mu bitekerezo bitaretsa nk'ibi: 'sinshoboye guhangana na byo', ibyo bikaba ari uguhigika cyangwa gupfobya ako kanya imbaraga na nke yarafite zo kwigobotora ayo manzaganya. 'Sinabyihanganira' na byo bihakana ubushobozi bw'umuntu. 'Nanga iyo bimbayeho' 'Nanga uwabinkorera' 'Nanga kuba nagomba guhindura uburyo bwanjye bwo kubaho' 'Nzira, mpakanye, nanze, mpinyuje, ntambamiye, ntibinkwiriye na busa' ni ubwoko bw'ibonunumva bufite ubukana bwihariye. Brw8/197

"Nanjye nzamwereka' ni uruvange rwa rukuruzi-zirika-jugunya. Mu by'ukuri 'ibonunumva' ry'interuro nk'iyi ni iri:

'Ndamwanga, we n'ibyo yankoreye, ku buryo nzamuha isomo. Nzamukorera nk'ibyo yankoreye. Azabyishyura!' Brw8/198

Uko ni ukwihorera kutaziguye. Kwihorera ni nk'umwambi ugarukira umurashi mu buryo bwa rukuruzi, ugatera nyirigutekereza umubabaro uyu cyangwa uriya. Niba nyirikohera ari mu Nzira y'Ibonunumva rya Kristu, bizanamuha isomo rikenewe cyane. Ibyo bitekerezo n'ibiyumvo, wongeyemo n'inzika yica, bikurura kurendegera kw'ubwonko ndetse n'umubiri. Brw8/199

Yenda bamwe mu basoma aya mabaruka bazibuka ihangana ryanjye n'igiti cy'umutini hafi ya Betaniya. Nari nshonje, nshakisha bugoryi imbuto z'umutini kandi atari ku mwero wazo. Brw8/200

Nzibuze mbwira igiti nti ‘ntihazagire n’umwe wongera kurya imbuto zawe ukundi’. Igiti kirumagatana kugera mu mizi bucya cyapfuye, Petero arumirwa. Brw8/201

Icyo cyabaye igihe jyewe, nka Yezu, nakoresheje ‘ububasha bwa gatekerezi’ yanjye ntabihagazeho na busa, nkonona ibintu hanyuma nkabyicuza. (Nasobanuye birambuye impamvu nyazo z’iyo mpanuka mu **Ibaruwa ya 3**). Gusa mu gihe naganirizaga abigishwa banjye, nabitanzeho urugero n’umuburo ku byerekeye ububasha gatekerezi ifite ku binyabuzima. Brw8/202

Nibivugwe kandi ko kuri uwo munsu, nakubise kandi nsahura muri Hekaru abamamyi baguriza amafaranga hejuru y’ingwate, mpangara ku buryo bukarishye kandi ku mugaragaro Abanditsi n’Abafarizayi. Ibyo bikorwa byose byari mushyiguzi zirika-jugunya nya-rukuruzi-mbamutima. **Ku bushake, nahamije urupfu rwanjye ku musaraba rwari bugufi.** Nari nzi neza ibyo ndimo nkora, kuko igihe cyanjye ku isi cyarimo kirangira kandi ntababeshye, nifuzaga cyane kuva mu isi yanyu. Brw8/203

Iyo abantu baje bwa mbere mu nzira nya-roho bashakisha ‘Ububasha Bwisumbuye’, benshi bigishwa n’abarimu ‘nya-kwifasha’ ko bagomba kurushaho kwishora mu bitekerezo zirika nya-rukuruzi-mbamutima, n’ubwo bene abo barimu baba batazi na busa ko amabwiriza yabo aba arimo atiza umurindi ububasha bwa jye-babona. Brw8/204

Uwifuza kuza mu nzira nya-roho baramwigisha ngo: ‘Niwimanukamo, ‘Imana’ cyangwa ‘Ububasha bw’Imbanziriza-bonunumva yanjye’ buzamfasha kuronka ibyo nkeneye byose’, Brw8/205

‘Ngiye kwishushanya mu bitekerezo inzu nshaka kandi nzi ko nzayibona’, ‘Ngiye kugura imyenda nkeneye kandi ndizera ko ayo kuzagenda nishyura hari uburyo nzayaronka’. Bikusanyiriza ku kintu kimwe cyo ‘kugira ukwemera’ noneho ukaronka ibyo ukeneye cyangwa wifuza. Brw8/206.

Mu ntangiriro y’ihinduka ryabo mu ibonunumva n’imikoreshereze y’ukwemera kwabo, bumva koko inyungu zitubutse. Ibyo bifuzwa bishobora koko gushyika mu buzima bwabo, bakabona imiryango yifungura, bakagera ku ntsinzi. Ibyo byerekana ko inzego nya-bifatika z’ibonunumva ryabo zigenda zirushaho kuba nya-roho, noneho nk’inkurikizi y’icyo zikigiramo iterambere. Ubuzima bukarushaho koroha. Brw8/207

Nyamara ubuzima bwanyu bubereyeho kugaragaza ibyiciro byose by’ibonunumva ryanyu – gatekerezi, imbamutima, umubiri. Brw8/208

Iyo umaze gukeneka inzego nya-bifatika z’ibonunumva, intambwe yawe ikurikiyeho mu bunya-roho ni urwego rw’amarangamutima yawe. Nuko rero, ku buryo butunguranye, widamarariye mu bukungu bwawe, imiyaga igatangira igahuha, imvura zigatangira kunyagira ibonunumva mbamutima ryawe ryari ritengamaye, bikakuremera ibyago byinshi by’ubwoko bwose. Bishobora kuba gutakaza umuryango, ubuziramuze cyangwa ubutunzi, cyangwa se gusubira inyuma bitunguranye mu mpande nyinshi z’ubuzima

bwawe. Aha ni ho benshi batangira guta ukwemera bari bafite. Bakagira bati: 'Imitekerereze nnyabuzima ntikora'. Brw8/209

Ashwi, 'imitekerereze nnyabuzima' ku bwayo yonyine ntikora; – n' 'ububasha bw'ibanziriza-bonunumva' na bwo ni uko, kuko ari uruhande rumwe gusa rw'ukuba nya-roho/nya-muntu kwawe kose. Iyo haje bomboribombori mu marangamutima yawe, uba usabwa gusuzuma ibonunumva ryawe ryose, ibyemerwa byawe, imyiyumvire yawe kuri wowe no ku bandi, ukwemera ufiteye urwego nya-roho – ndetse n'igisobanuro cy'urupfu n'ubuzima bwawe nyuma yarwo mu rwego rwisumbuyeho. Iki ni igihe cy'ububabare bukabije mu buzima bw'abantu. Abantu bose bahura n'iki gihe cya bomboribombori mu buryo bumwe cyangwa ubundi. Brw8/210

Gishobora kuba igihe cy'imikurire itangaje y'imbere kuri roho n'inzira yinjira mu munezero, cyangwa se igihe kitarangira cy'ukubihirwa n'umunabi. Iki ni igihe cyo gukanguka byuzuye ukamenya ko ikizava mu bikubaho kigengwa nawe gusa – atari nyamunsi cyangwa urwandiko – ahubwo wowe ubwawe – waba ukora wenyine cyangwa wisunga ku buryo budakuka Ibonunumva Nya-mana, bikarangira ugeze mu bushorishori bw'umunezero. Brw8/211

Ni muri iki gihe kandi umuntu asabwa gukoresha gatekerezi ku buryo bwubaka, agashakisha intumbero n'intego zisumba izindi azakoresha mu kuyobora amarangamutima. Brw8/212

Itandukanyirizo hagati y'igitekerezo-ngaruka⁵ kiva mu bisubizo kimeza bya jye-babona mu bihe by'amage – n'igitekerezo-ndemyi⁶ cyuzuye ubuhanga n'ubwenge – rizagaragara neza. Brw8/213

Iyo ibyo bibaye – kandi ubwo bushishozi bugashyirwa mu bikorwa umunsi ku munsi – kubasha kwifata⁷ biba biri hafi. Brw8/214

Abigisha bashobora kubayobora mu nzego zose zo kubona neza abo mwabaye bo, kwicuza, gukanguka, guhindura imyubakire-mutwe n'amaforoma ndangamutima, mukagenda muzamuka mu nkurikirane nya-roho z'imivumero kugeza mugeze ku **"buba-Mana"**⁸ nyakuri – ni bo bonyine **Bigisha b'Ukuri** – bashobora kubageza nyabyo mu Bwami bw'Ijuru. Brw8/215

Yiba urwego rwa mbere rw'iterambere, - gushakisha indonke nya-bifatika wifashishije 'imitekerereze nnyabuzima', rwashyiraga igorora abashakashatsi rubaha ibyo bifuzwa byose, magingo aya isi yose yari kuba yarayobotse icyemerwa cy' 'imitekerereze nnyabuzima'. Brw8/216

⁵ Reactive thought

⁶ Creative thought

⁷ Self-mastery

⁸ God-realisation

Ariko ni intangiriro y'urugendo nya-roho rwa roho yari isinziriye, ntigomba kwamaganwa cyangwa ngo ikemangwe. Urwubati rwa roho rukangukira ko hejuru y'urwego rw'isi, hari ngo urwego nya-roho rwitwa 'Imana', 'umuntu wicaye hejuru hariya' cyangwa 'ububasha mpuzahose' buha ibisubizo amasengesho. Brw8/217

Wibuke ko turimo tuvuga ibyerekeye 'ibonunumva'. Urwubati rwa roho rurimo ruratangira kubona-runumva ko ubuzima bwifitemo ibirenze umutunariko wa buri muni, kandi rurashaka kwigeragereza 'icyo ari cyo cyose' kubera ko ubukene mu gice kimwe cy'imibereho – ubuziramuze, amafaranga, umunezero, urukundo n'ibindi, burutera gushakisha ubufasha. Brw8/218

Aha, ni wa mujishi rukuruzi-mbamutima usanzwe uri ku kazi. 'Ndashaka'. Nyamara, kubera ko urwubati rwa roho rurimo gukanguka rugenda ruhinduka indorerezi y'ibiri kuba muri gatekerezi no mu mbamutima, rwifashishije umushyikirano wa rimwe na rimwe warwo n'**IBONUNUMVA NYA-MANA**', ruzatangira 'kubona' ibikorwa bimwe rukuruzi-mbamutima 'kururura-jugunya' rwishoramo. Amaherezo ruzamurikirwa bihagije kugira ngo rutere umugongo ibyiyumvo 'gundira-higika', hanyuma rusenge rusaba inkunga yo kubitsinda. Ku busanzwe ni muri iki gihe **Umwigisha** ukwiranye n'iyi roho yinjira mu bizima bwayo. Niba iyi roho yaragenze incuro nyinshi urugendo rw'ubuzima, azaba ari **Umwigisha** wateye imbere bihagije kugira ngo agobotore roho y'inshakashatsi iminyururu n'ubucakara bw'irari rya jye-babona, ayisunikire mu **Rumuri**. Brw8/219

Mwibuke, mu kwegera abandi, kwitondera 'jye-babona' zabo. Ni bwo buryo bwonyine bifitemo bwo kuramuka kugeza igihe bazaca iryera ku buryo nyabwo kandi burambye **IBONUNUMVA NYA-MANA**, kandi bakanabona neza ko bifitemo isoko ibasumba y'imbaraga, ububasha n'imurikirwa. Brw8/220

Mugomba kandi kubona neza ko mu kuba giti mu iforoma nya-mubiri n'ubukozi nya-gatekerezi mbamutima, mugengwa n'amategeko y'imibereho. Mwahawe ubu-giti, indangamuntu n'ububasha butagira imbibi bwo kugera ku **Ibonunumva rya Kristu**, kandi bifite ikiguzi mugomba kwishyura. Brw8/221

Birashoboka ko mu buzima bwinshi muzabaho (kugeza mubaye intyoza muri ubu bumenyi budasanzwe bw' 'ubujyewe'), muzanyura mu mihindagurikire n'amaforoma agahiryi y'urusobe rw'imibanire y'ubuzima. Mu buzima bwinshi bw'igihe cyashize, mushobora kuba mwarakoze ibintu bibi byafashwe nk' 'icyaha cyigize umuntu', ariko ubwo bunararibonye bw' ubu-giti rukuruzi buzaba bwaragize uruhare mu kubageza aho muri ubu mu mibonere nya-roho. Rero mwagombye kwemera ko nta 'cyaha' gikorera ngo 'Imana', kandi ko nta n' 'icyaha' gikorera abandi. 'Jye-babona' ishobora kugira ububasha bwuzuye no gukora ibidakorwa gusa kubera ko 'roho' igisinziriye ku ngoyi y' urudandi ruremereye rw'ubu-giti rukuruzi. Iyo bimeze gutyo, ntibishoboka kwemeza umuntu nk'uwo ko yagiriye abandi nabi. Nta murikirwa ry'imbere rikomoka ku **Rumuri** ngo rimwereke uburyo bwisumbuye bwo kubaho. **RU**pfukiranwa rwose n'ibonunumva rukuruzi rya jye-babona. Nyamara, umubabaro umuntu nk'uwo ahura na wo (kubera ko ibyo yakoreye abandi na we bizamugirirwaho mu rugero rumwe ndetse n'akarusho), uwo

mubabaro uzatuma yibaza ku by'imibereho, kandi kubaza ibibazo ni bwo buryo bwo kubona ibisubizo biturutse ku **'BUZIMA NYA-MANA'**. Brw8/222

Natangiye iki gice mvuga ko abantu bemera ko bashobora guhindurwa na 'Roho'. Brw8/223

Ubu noneho murumva impamvu navuze ko 'nta na kimwe gihari cyo guhindurwa'. Nta na kimwe mu bu-giti 'kirukuri' cyangwa 'gihoraho'. Ni ngombwa cyane kubwiyambura kugira ngo **Ubumana burimo imbere buhishurwe**. Brw8/224

Muri Palestina, iyo migendere nayise 'urupfu rw'ubujyewe'; byaje kugaragara ko ari interuro iteye ubwoba. Kubera yo, abantu benshi bagize ubwoba bwo kwinjira mu nzira igana inzego nya-roho z'ikirenga. Kandi ni byo, iyo ntambwe ya nyuma mu migendere yo kwiyambura isa koko n'urupfu. Igihe umuntu arimo ayinyuramo, ata igice cya ngombwa cy'ubujyewe nya-muntu/nya-si, ariko iyo intambara irangiye, umutuzo n'amahoro ku mutima abikuramo ntibigira kibara. Ibyishimo bisendera umutima. Mu guceceka kwa gatekerezi harimo umutekano nyakuri, iruhuko n'ituze. Umuntu ahinduka 'mwarimu'. Hagakurikiraho igihe cy'iruhuko nya-roho no kugarura ubuyanja. Brw8/225

Ibyo bigakurikirwa nyuma no kwinjira mu rwego rushya rw' 'ukuba'. Brw8/226

Nta kintu, mu ikinamico nya-muntu, kizongera kugira "uburemere" nka mbere. Brw8/227

Abantu barakunenga? Mbere, ubugiti rukuruzi bwajyaga gutuma urakara kubera umutekano muke, icyifuzo-nyobozi cyawe cyo kugaragarira uwo ari we wese nk'aho uri nta makemwa, kugira ngo wemerwe. Jye-babona yawe ikagira iti nibatakwemera, uzabaho ute? Ubuzima bwawe buzasa n'iki? Brw8/228

Iyo ijwi rya jye-babona ryacecetse, ntabwo uba ugikeneye gushakisha umutekano, kuko uba UTEKANYE! Uba uzi ko ushyigikiwe, witaweho, ugaburirwa, urengerwa, ukizwa n' **'IBONUNUMVA RY'UBUZIMA NYA-MANA'**, utitaye ku byo abandi bashobora kuba bagutekerezaho. Ibyishimo byawe, umunezero, ubwisanzure n'ubunyurwe, byose bikurimo. Mu by'ukuri nta kindi ukeneye na busa. Brw8/229

Usibye ko nawe uri igice cy' 'ibyo byose', kandi iyo **Urumuri** rugusendereye, ukenera kugeza ku bandi ibyo **'IBONUNUMVA RY'UBUZIMA NYA-MANA'** rigusukamo buri kanya mu muni, igihe cyose ukomeje gushyikirana n'urwo rwego rwiza imbere muri wowe. Brw8/230

Ntucyamagana ubu-giti bw'abandi, buri wese uramwakira, kuko buri wese akeneye urukundo kandi noneho urarufite rwinshi rwo gutanga. Ntibikigomba guhatana kugira ngo ubashe 'gukunda nta kigombero'. Bisigaye byizana. Brw8/231

Inenge waba usigaranye zose, amakosa waba ukora mu myitwarire yawe n'abandi, nk'inkurikizi z'ibisigisigi bya jye-babona wasize inyuma, biraguhishurirwa, kandi aho kwitaza uko kwimenya, ubyakirana urukundo no gushimira. Uvumbura ko kumenya no kwakira imyakirire nya-muntu njarupfu ikurimo bitanga amahirwe kandi bigakiza.

Wakirana umunezero kandi ukishingira amakosa yose ukora, noneho wamara gutahura ‘uburyo bwo gukunda’, ukayigobitora. Uzabaho mu mutuzo, uzi ko wize ikindi kintu gifite akamaro kizagufasha niwongera guhura n’ibigeragezo bishya mu buzima bwo ku isi. Igihe cyo kwicuza byimbitse cyararangiyeye, kubera ko cyakoze umurimo wacyo wo kugukiza ibisubizo rukuruzi mbamutima kera wahaga ubuzima bikakuzanira umubabaro. Brw8/232

Ubu winjiye mu cyo nise ‘Ubwami bw’ijuru’ igihe nari ku isi. Uzabona ko ibyo ukeneye byose ubihabwa kandi UNAMENYA ko ibyo uzakenera mu gihe kizaza na byo bizuzurizwa nk’ako kanya. Ubwo bumenyi butuma uguma mu mushyikirano n’**UBUZIMA NYA-MANA**’ kandi bukaguha kwiyumva cyane mu mutekano. Amahoro ku mutima n’umutekano bizana n’ibyishimo n’umunezero, no kwiyumvamo bundi bushya uburyohe bw’ubuzima buranga abakiri bato. Indwara zoroheje, izirambanyije ndetse n’iza rurangiza zizakizwa wongere winjire mu gihe gishya cy’ubuzima. Igihe cyose ufashe isomo, usiga inyuma ikintu kiranga urwego nya-muntu ugatera imbere mu nkurikirane zisumbuye z’ibonunumva nya-roho. Brw8/233

Ndimu ndabashushanyiriza ibihembo bibategereje igihe muzaba mwarangije guhatana n’ingoyi rukuruzi-mbamutima ya ‘kurura/zirika-jugunya/hurwa’. Izo ni mushyiguzi zibaha ubu-giti mu ntangiriro, ariko zikazahinduka iminyururu ya roho mugomba kwigobitora kugira ngo muve mu ruziga. Urwo ruziga ni indeshyo y’ubu buzima nya-muntu bwanyu, ruzenguruka ubudahwema rugahora rubashora mu mibereho itabashimishije. Igihe, kera kabaye, muzashobora kurenga, muri roho, imyakiririre yanyu rukuruzi-mbamutima y’ubuzima, uruziga ruzatangira kugenda gahoro, hanyuma nk’ako kanya, mubone mumeze nk’abatanyeganyega, mutangire mubeho ubuzima bwiza nashushanyije haruguru. Brw8/234

Yiba nashoboraga kubatura umutwaro mwakorewe n’imibereho ya muntu ku isi. Nzi umubabaro wanyu, ibihe by’akangaratete, agahinda kanyu mu gihe cy’akato mu mwijima, amasaha y’umuvurungano nya-gatekerezi-mbamutima. Mu kumanuka mu nkurikirane zanyu z’ibonunumva kugira ngo ntange ubutumwa bwanjye kandi numve ibyo mukeneye kubwirwa, mbona-numva imibereho nya-si yanyu, kandi aya magambo ni igisubizo mbahaye ku bikenewe byihutirwa kurusha ibindi mu kubaruhura no kubakiza. Brw8/235

Ntimushidikanye ko aya magambo ari ayanjye. Nabazanire kumererwa neza kandi MUMENYE ko, uko muzagenda muyiga, azabazanira, mu gihe gikwiriye, imurikirwa ryimbitse muri roho yanyu, rikazabageza ku mpinduka muhangariye mu buzima no mu bujyewe byanyu. Brw8/236

UBURYO BWO KWIMANUKAMO Brw8/237

Igihe ugiye kwimanukamo, jya mu mwifato ukunogeye kurusha indi. Si ngombwa kwihotagura. Ruhuka wirekure. Ibwire kwirekura no koroshya ingingo zawe zose, n’umutwe wawe, ijosi, uruhanga, kugeza wiyumvise mu bwirekure busesuye. Brw8/238

Ngomba kubumvisha ko kwimanukamo byagombye – amaherezo – koroha nko kwinjira mu bitotsi. Umugambi wo kwimanukamo ni ugushoboza ibonunumva

ryanyu *ryose* kurenga imipaka ya gatekerezi n’ubwenge. Hari abigisha bazababwira ‘kwishushanya’... icyo mubwirwa kwishushanya cyose, mushobora kumenya neza ko nta handi murimo mufashwa kwerekeza usibye mu bikingi ndemamashusho bishya by’imigendere y’igitekerezo cyanyu bwite. Brw8/239

Icyo ubwo buryo bwo ‘kwimanukamo’ buzabagezaho ni ukubaruhura ibitekerezo n’umutunariko agahato ka jye-babona yanyu kabaremera. Mu isi y’indemamashusho, jye-babona ishobora gukora cyangwa ntikore. Brw8/240

Mbere yo gutangira kwimanukamo, itegure umenya neza ko ugiye gushyikirana n’ **‘IBONUNUMVA NYA-MANA’** icyarimwe mu ibonunumva ryawe no hakurya yaryo – bityo Riri no hanze kandi Riranagukikije. Itegereze neza icyo ibi bivuze. Brw 8/241

Wibuke, igihe cyose, ko ibyo UTEKEREZA ari byo uba urimo wishoramo. Brw8/242

Ibitekerezo byawe ni ‘imuri zishakisha’ ziguhuza n’ibyo ukurikiranye. Brw8/243

Ujye wibuka ko buri ‘gitekerezo’ gifite inkurikirane bwite z’imivumero mu ibonunumva. Emera **unamenye** ko ibi ari impamo. Uko igitekerezo kirushijeho kuba nya-roho, ni ko inkurikirane z’imivumero zirushijeho kwisumbura. Brw8/244

“Amaforoma y’ibonunumva’ yibumbye mu magambo ntagaragara ariko ni ‘ibiremwa byihariye by’ukuba’. Igisa kiva mu bindi bisa. Brw8/245

Yifitemo ubuzima bw’ibonunumva. Akururwa n’amaforoma y’ibonunumva bisa. Ibisa birasabirana.

Tekereza ‘imbwa’ kandi uboneshe ubwenge icyo ushatse kuvuga, maze ibitekerezo byawe byicomeke ku bwoko bw’imbwa. Brw8/247

Tekereza ‘IBONUNUMVA MPUZAHOSE’ cyangwa ‘UBUZIMA NYA-MANA’ wumva neza icyo ushatse kuvuga – maze ibitekerezo byawe bizayoborwe mu ‘IBONUNUMVA MPUZAHOSE’ – UBUZIMA NYA-MANA. Brw8/248

Niba wumvise ku buryo bwuzuye ibyo ndimo ngerageza kukubwira byose, UZAMENYA ko ukwimanukamo kwawe kwageze ku ntego yako. Brw8/249

Bimenye maze uzasange ukwemera kwawe kugenda kurushaho gukomera. Brw8/250.

Ukwemera kwanyu gukomeza kugira intege nke kubera ko mwizera gusa, cyangwa mwifuza, cyangwa ‘mushaka’ bunyarukuruzi kwicomeka ku **IBONUNUMVA RY’UBUZIMA**, kubera ko mwizera kuzabivanamo inyungu. Brw8/251

Ubwo ntimubona ko bukabije kuba “ubu-nya-si” ubwo buryo bwo kwegera ‘ICYABAHAYE ‘UKUBA’? Brw8/252

Icyubahiro se kiri he? Hari ubwo se bikwiriye umuntu ushaka umushyikirano nyakuri, kandi yiteze kuwubona? Brw8/253

Mu gihe **IBONUNUMVA MPUZAHOSE RITAGIRA IHEREZO** atari ya ‘Mana’ nya-migani yo hejuru nk’uko ivugwa mu Kiragano cya Kera,
Ni **IKIRUKURI NYA-MABOKO ATAGIRA INGANO** gisangwa hose, kigaragaza umugambi **wacyo** bwite w’urukundo nya-bwenge, rugenda rukura, gifitiye ibyo cyaremye byose. Brw8/254

Icyo ni cyo mugomba kumva ko amaherezo muzegera, mukiri ku isi, igihe muzagera mu nzego zisumba izindi, nyuma y’uko imbamutima-rukuru zanyu zizaba zunyugujwe atari muri gatekerezi zanyu gusa, ahubwo ari no mu mbanzirizabonunumva no muri mugabuzi. Brw8/255

Mbere na mbere muzashyikirana n’ **UBUZIMA NYA-MANA DATA-MAMA** bukora ubutaretsa mu rwungano rwanyu rwose no mu mpuzahose. Brw8/256

Mwibuke ko **Buri** mu buringanire ku **rwego mpuzahose rutagira iherezo**, kandi bukaba mu bukozi ku isi. Brw8/257

‘**Ubukozi-Data**’ bushyiraho intego. ‘**Urukundo-Mama**’ ruyobora uburyo imigambi izashyirwa mu bikorwa kugira ngo hatezwe imbere icyiza nyamukuru cy’ibirimo biringanizwa, bivurwa cyangwa birengerwa. Brw8/258

(Abantu batabarika bazavugaga ko ibyo mvuze hejuru ari ibihimbano. Bashobora kubiseka uko bashakira. Abashobora gushyikirana n’ ‘**Ibonunumva-Buzima-Data-Mama**’ – iryo ni irindi zina ry’ **IBONUNUMVA BUZIMA NYA-MANA**’ ariko ryumvikanisha imiterere nyabibiri yaryo – bazibonera ko ibyo navuze ari ishusho iboneye y’iterambere nya-roho rikurikira bene uwo mushyikirano). Brw8/259

Tugaruke ku bwimanukemo bwanyu. Brw8/260

Mbere ya byose, mbere yo kugerageza kwinjira mu bwimanukemo bwawe, fata mu mutwe isengesho rikurikira ku buryo amagambo yaryo ahinduka ayawe. Brw8/261

Numara kwirekura binononsoye, utangize ubwimanukemo bwawe iri sengesho. Urivuge ugenda gahoro kandi ubona neza igisobanuro cya buri jambo, kugira ngo wishoboze kwinjira mu ibonunumva ry’ijambo, kandi ubashishe ibonunumva ry’imbaraga z’ijambo kwinjira mu bujyewe bwawe bwimbitse kurusha ubundi. Igihe urimo uvuga iri sengesho, wagombye guhumiriza ukerekeza indoro ku ruhanga rwawe. Brw8/262

BUZIMA DATA-MAMA, ni wowe buzima bwanjye, ni wowe nkingi idatenguha negamiye, ni wowe buziramuze bwanjye, ni wowe buhungiro bwanjye, ni wowe nkesha ibyo nkeneye byose, ni wowe unzanamo ibitekerezo bisumbaye ibindi ubwiza. Brw8/263

Ndagusabye ngo umpishurire uwo Uri we Nyirizina. Nzi ko ari UGUSHAKA kwawe ko murikirwa byuzuye kugira ngo ndushaho kubonatumva ko undimo imbere ukaba no mu binkikije. Nemera kandi nzi ko ibyo bishoboka. Nemera ko umpagazeho kandi undindiye mu RUKUNDO ruzira inenge. Nzi ko intego yanjye ya nyuma ari UKUKUGARAGAZA. Brw8/264

Mu gihe ndimo nkuvugisha, nzi ko unyumva neza cyane, kuko uri UBUHANGA NYA-RUKUNDO MPUZAHOSE bwahimbye iyi si by’agataganza, kandi bukaba buyerekana mu iforoma yayo igaragara. Brw8/265

Nzi ko mu kuGUsaba kumvugisha, nerekeza umurase w’urumuri rushakashaka rw’ibonunumva mu Ibonunumva ryawe Nya-mana, kandi ko mu gihe nteze amatwi uri bucengere ibonunumva ryanjye nya-muntu, ukagenda usatira roho n’umutima byanjye, na byo bikagenda birushaho kukwakira. Brw8/266

Nshyize ubuzima n’imibereho byanjye mu biganza byawe. Brw8/267

(Buri gihe uvuze kandi ukishushanya iri sengesho, urema iforoma y’ibonunumva nya-roho izagenda irushaho gukomera no kuzamuka mu nkurikirane z’umuvumero uko igisobanuro nyakuri cy’isengesho kizaba gicengera mu bwenge no mu mutima wawe n’imibonere yawe ikazamuka.) Brw8/268

Nyuma y’isengesho, genda urushaho kwirekura kandi ureke gatekerezi yawe ibe uruhehemure uko ushoboye. Ibitekerezo nibyidumbukiza, uvuge muri wowe witonze uti **‘Buzima Nya-mana’** cyangwa **‘Buzima-Data-Mama’**, wongere utekanye gatekerezi yawe. Nyuma y’amezi atari make wimanukamo utaryarya, ushobora kuzumva ko umubiri wawe urimo ushiguka bitunguranye, nk’umuntu warugiye gusinzira agakanguka gitumo. Ibyo nibiba, uzashimire kuko ibonunumva ryawe rizaba rurimo ricengera inzitiro z’imbaraga z’ibonunumva zari zararemwe mbere zigafungirana roho yawe. Brw8/269

Igihe uzumva urimo winjira mu mimerere y’ibonunumva yimbitse bidasanzwe, yimbitse ku buryo wumva uhumeka gake cyane, uzamenye ko utangiye kugera ku ntego yawe. Ku musozo w’ubwimanukemo bwawe ujye ushimira wishimye. Brw8/270

Wibuke ko nta kintu ushobora gutekereza, kuvuga cyangwa gukora gishobora kugabanya mu buryo ubwo ari bwo bwose icyo **‘ibonunumva-buzima-data-mama’** ari cyo. Brw8/271

Ariko ihinyu iryo ari ryo ryose rizashyira uruzitiro hagati yawe n’**ubuzima-data-mama**. Brw8/272

Ndagira ngo mbaburire: igihe urimo ugerageza gutekanya gatekerezi yawe n’ibitekerezo, ushobora kumva utameze neza, ukumva ntutekanye mu mubiri, ndetse wahungabanye. Ibyo biterwa n’uko – mu ntangiriro – uzagonga urukuta rwirabura rw’ ‘ibonunumva’ ryawe, kandi ibyo bishobora kugutungura cyane – ndetse bikanakubabaza. Brw8/273

Bihe umugisha kandi usabe **'buzima data' gucengera mu ibonunumva ryawe ubutaha igihe uzaba wateze amatwi.** Brw8/274

Hanyuma uhaguruke ubwo bunararibonye ubutere umugongo. Brw8/275

Igihe uzabona ko noneho urimo winjira mu bucece, uzagume mu mutuzo, uzi ko winjiye noneho aho umuntu yakwita 'ahatagatifu rwose' kubera ko, amaherezo, urimo uboneza umushyikirano na **'buzima-data-mama'** muri wowe. Bizafata igihe kugira ngo ubwo bunararibonye nya-roho buhanitse bw'Ubucece bube akamenyero ka buri muni. Brw8/276

Ibuka ko ufite umutwaro wa jye-babona w'ubuzima bwose ugomba kwikiza no kuyengesha. Brw8/277

Ibyo wakumva byose ukanamenya mu bwimanukemo, iyo uburangije, witege kumva ikinyuranyo mu buzima bwawe. Wibuke ko gutegereza ari iforoma y'ibonunumva', iyo 'utegereje' uba ufunguriye inzira icyo utegereje, witeze ko gikururwa mu mibereho yawe, icyo ari cyo cyose waba ukeneye cyangwa uhanganye na cyo. Brw8/278

Niba nta bworohe bushya wumva muri roho, kandi warutegereje utaryarya, ntuzahakane impinduka cyangwa ngo ushidikanye ko zishoboka. Brw8/279

Wibuke ko ibonunumva ryawe ari mashanyarazirukuruzi, rikoze mu ngizi nk'iy'umubiri wawe, kandi rikaba ishingiro ry'ibyo ubaho byose mu buzima bwawe. Komeza utegereze – gutyo uraba urimo wubaka ububasha, imbaraga z'amaforoma y'ibonunumva ry'ibyo utegereje azikururira ukwigaragaza kw'ibyo utegereje byose. **'Ibonunumva ry'ubuzima data-mama'** rishobora gukururwa mu ibonunumva ryawe bwite gusa n'ukwemera, gutegereza nta buryarya, n'ubushake bwo kwifungurira kunyuguzwamo mushyiguzi rukuruzi-mbamutima 'kurura-jugunya'. Brw8/280

Ni bangahe muri mwe muri iki gihe bajya kwimanukamo gutyo bakarangiza **BITEZE** impinduka? Brw8/281

Ni bangahe bacika intege iyo bumvise agahinduka hanyuma hagashira agahe gato nta kindi bongeye kumva? Brw8/282

Mujye muhorana mu bwenge ko nababwiye ko mugengwa n'injyana zo "hejuru" no "hasi". Iyo muri mu 'bu-hasi' bwanyu, umuvu w'Ubuzima Nya-mana mu rwungano rwanyu uba wahwamye, noneho inkurikirane z'umuvumero w'ibonunumva ryanyu na zo zigahwama. Nk'inkurikizi y'ibyo, umushyikirano n'**Ibonunumva-Buzima-Data-Mama** muri bene ibyo bihe, mu ntangiriro y'ubushakashatsi bwanyu, usa n'udashoboka. Mu minsi yanyu ya mbere mu gushakisha **Ukuri**, mu gihe mwimanukamo, muba mushyikirana cyane n'imbanzirizabonunumva yanyu, kandi muzasanga hari ukuzikuka guteye umujinya kw'ibitekerezo n'inzibutso njarupfu bya kera mwibwiraga ko mwari mwaripakuruye. Brw8/283

Igihe muzinjira mu ‘bu-hejuru’ bwanyu, muzabona ukuzikuka kw’ubujyewe nya-roho bwanyu bibashimishe. Imyimanukemo yanyu izarushaho kuba myiza no kurumbuka mu mushyikirano n’ **‘Ibonunumva-Buzima-Data-Mama’**. Nimugira ubutwari bwo gukomeza umutsi no gukomeza umurongo bwite mu bihe byo ‘hasi’ kimwe no mu bihe byiza, amaherezo muzabona ko ‘ubu-hasi’ buzagenda bugabanuka n’ahahoze icyena hagasibangana. Brw8/284

Mwibuke ko buri mwanya w’ ‘ibonunumva ryuzuye ugusenga’ ubegereza intego yanyu, n’ubwo mushobora kutabibonamunabyumva na buhoro. Nyamara ibintu bifitiye akamaro icyiza cyanyu gisumba ibindi biba birimo biba – mubyemere. Brw8/285

Igihe nari ku isi naravuze nti:

Naje kubaha UBWIGENGE. Brw8/286

Naje kubazanira ‘UBUZIMA BURUMBUTSE KURUSHA HO’! Brw8/287

Ibanga ry’umunaniro wanyu, gucoka, kubura ireme, kujarajara, ubwoba, kwiheba, kurendegera, riba mu bisubizo byanyu rukuruzi-mbamutima bya ‘zirika-jugunya’ ku buzima, no mu maforoma mbanziriza-bonunumva abarusha imbaraga rimwe na rimwe, akabajugunya mu bibazo mutigeze mugambirira kurema. Kubera izo mushyiguzi kamere z’ubu-giti, ntabwo rwose mwigenga, mugenzurwa n’ingoyi rukuruzi-mbamutima iba icyarimwe muri gatekerezi yanyu mbonunumva na mbanziriza-bonunumva. **Mubaho mu nzara za Jye-babona yabahaye ubu-giti nyuma ikababohera mu minyururu y’ibisubizo mbamutima ku buzima. Brw8/288**

Nyamara igihe kiragera ku mushakashatsi utaryarya kandi ushyiraho umwete, umuntu ukurikira mu byishimo inzira y’ **‘IBONUNUMVA RYA KRISTU’ – INZIRA YA KRISTU** – iyo yimanukamo kandi agacengera mu bice rukuruzi-mbamutima by’ubwonko, ngo abone imurikirwa riyandika mu bice birusha ibindi kuba hejuru mu bwonko, munsu y’igihanga. Ingirangirye nshya zandikwamo ubumenyi bushya. Brw8/289

Iyo ni imigendere ihoraho, kandi yenda muzumva uko “gufunguka” mu bwonko bwanyu. Brw8/290

Ubu noneho mutangiye kugenda murushaho gukorera muri gatekerezi nsumba-bonunumva igenda irushaho gushyikirana n’ **‘ibonunumva-buzima-data-mama’**, kugeza umunsi mutazashobora kwihanganira ko ibitekerezo n’imbamutima bya’jye-babona’ biganza ibonunumva ryanyu risanzwe rya buri munsu noneho mugapfa urupfu rwo gufasha ubujyewe hasi burundu. Nibigenda gutyo, **‘ibonunumva-buzima-data-mama’** rizasendera imibonere yanyu rihanaguremo ibindi byose. Muzaba murimo mwinjira mu ‘nkurikirane z’ibonunumva’ z’icyo nise, nkiri ku isi, ‘ubwami bw’ijuru’. Iyo ntera izarangwa no kwiyarura buhoro buhoro mu bwoko bw’ubuzima bwabaryoheraga mbere. Imyumvire yanyu y’ubuzima izasukurwa kurushaho ku buryo muzibona murimo kurushaho gusubiza ibibazo, ibibaye n’abantu, nta ‘kurura-jugunya’. Nubwo mushobora kuzaba mutagishyushye cyangwa mutagikonje mu marangamutima yanyu nka mbere, muzaba mugeze noneho mu burebure bw’ibanze bw’umuvumba w’icyo mwita ‘urukundo

rutagira ikigombero', mukora icyo ari cyo cyose mu mugambi wo guteza imbere icyiza gisumba ibindi kuri buri wese, ari byo bivuga: gukura kwabo, kugaburirwa, gukizwa, kurengerwa, gukenurwa mu bintu byose bya ngombwa mu rwungano rw'amategako n'umurongo uboneye. Muzakunda byimazeyo kurusha mbere, ariko nta na rimwe muri ya marangamutima 'nya-muntu' akunze kuba intandaro y'amakosa menshi mu mushyikirano no mu bukozi. Brw8/291

Nimumara kuronka ubumenyi nyakuri bw'imbere, muzashobora kurenga umutwari mbamutima, muzabasha kwimanukamo no gukugota ku 'buzima-data-mama' maze mwumve imbaraga nshya zinjira mu rwungano rwanyu, zikabazanira akanyamuneza gashyashya. Muzaseka, murushaho gushyenga, mukure umunezero mu tuntu duto, mukunde isi, musendere ugushimira kuri buri mugisha na muto uzinjira mu buzima bwanyu. Muzabona imigisha igenda yiyongera mu mibereho yanyu, inyagire inzira yanyu ya buri muni. Brw8/292

Ni gute yitwara umuntu wabashije kwigobotora ingoyi ya 'jye-babona'? Brw8/293

Amaherezo, umuntu nk'uwo nta bwoba na buke yongera kugira. Azemera ubutajegajega ko aho agiye hose aba arinzwe. N'ubwo yanyura mu bigeragezo bigoye, azabisohokamo ntacyo abaye. Azamenya ko adakeneye inkota cyangwa imbunda kugira ngo yirwaneho. Aho ari hose arinzwe ikibi icyo ari cyo cyose. Brw8/294

Nta ndwara azatinya, kubera ko azaba azi ko buri gikoresho cyubatswe mu rwungano rwe ngo kimuhe ubuziramuze ari kizima kandi gikora neza. Brw8/295

Azaba azi ko atazigera yifuza ibikenewe ngo abeho mu munezero n'umutekano. Azasingiza ubutaretse kandi ashimire **'BUZIMA DATA-MAMA'** kubera ibyo yagabiwe byose n'ibyo azahabwa mu gihe kizaza. Brw8/296

Azi ko azayoborwa kugira ngo abe mu mwanya ukwiriye mu gihe nyacyo. Brw8/297

Azi kandi ko ashobora gusaba icyo akeneye cyose igisubizo kikaza bwangu. Brw8/298

Ariko ubusabe bwe buzaturuka kw'ikusanyirizo⁹ nya-roho ryamurikiwe kandi ntacyo azashakira ubwikubire, ahubwo azahora asengera ibintu bizagirira akamaro ibimukikije, umuryango, inshuti. Brw8/299

Azagira gatekerezi ifunguye, azi ko UKURI kutagira imbibi kandi ko nubwo ashobora kuba azi ibintu byinshi, iteka haba hari urwego rwisumbuye rwo gutembera. Iki ni cyo gituma ubuzima buba bushimishije kandi bwuzuye imigambi mu rwego urwo ari rwo rwose, ndetse no mu Bwami Nya-juru bw'ibonunumva. Brw8/300

Mu buzima bwayo bwa buri muni, roho yamurikiwe izajya ikanguka nta kindi kiri muri gatekerezi usibye ibisingizo no gushimira. Mu mpera, izaboninnumva imirimo ya buri

⁹ Centre

munsi iyitegereje, ishimire imbaraga ifite n’ubushake bwo gukora iyo mirimo, ihagurukire kuyikora nta ngingimira no kugononwa. Brw8/301

Kubera iyo myifatire ku byerekeye akamenyero ka buri munsi, ntazatakaza imbaraga mu kwinangira mu buryo ubwo ari bwo bwose. Nihaboneka impamvu idasanzwe yo kwanga igitekerezo cyangwa agahato, azabikorana ituze no gushyira mu gaciro, nta byiyumvo rukuruzi-mbamutima by’umujinya cyangwa kwinangira. Brw8/302

Ahinduka umuntu witegereza atabogamye, agakora ibiboneye mu gihe gikwiye. Brw8/303

Atunga roho ye mu kwihangana, ategereje kuyoborwa, ategereje ko imiryango ikwiye ifunguka, ategereje kumenyeshwa ko koko imigambi ye yose yavuye mu gushaka kw’Imana ikinjira mu kuba kwe binyuze muri gatekerezi, umutima n’imbaraga bye. Brw8/304

Ahinduka umuntu nyamuntu, ugaragaza **‘ibonunumva-buzima-data-mama’**. Brw8/305

Umugabo atangira kwigiramo ibirango-gore by’urukundo mpuzahose, agahinduka ukwigira umuntu kwa: urukundo nya-bwenge cyangwa ubwenge bukunda. Brw8/306

Umugore atangira kwigiramo ikirango-gabo cy’imbaraga no kumenya cyane icyerekezo. Brw8/307

Nihagira umuntu ukenera kubwirizwa, uwo mugabo cyangwa mugore azagaragaza ubwenge bukunda maze uwo muntu azahurwe n’amagambo y’uwo mugabo/mugore.

Niba hari ukeneye gukizwa, wa mugabo/mugore azagaragaza urukundo nya-bwenge maze umuntu akire. Brw8/308

Iyi ni yo ntego mbashishikarije mu rukundo. Brw8/309

Inzira igana Ibonunumva rya Kristu irashushanyije muri aya MABARUWA. Brw8/310

Nimuyigeraho, muzishima kandi muvuge ko yari ikwiye koko ibihe bikomeye kandi biruhije mwanyuzemo, ubu noneho mukazaba mwarabirenze burundu. Muzaba mufite uburenganzira bwo kuzamuka mu nzego zisumbuye, buri rwego rubazanira ubunararibonye n’ibyishimo bishya. Brw8/311

Muzaba abashinze umurongo ngenderwaho mushya ku isi, uzaba isonga y’umuvumba mushya w’iterambere nya-roho. Brw8/312

Igihe iryo terambere nya-roho rizasakara muri rubanda mu myaka myinshi iri imbere, abantu noneho bazamenya uburyo bwo kubana mu mahoro. Brw8/313

Ibi bintu bizasohora nta kabuza, kubera ko IMBUTO z'icyo gihe kizaza zabibwe muri aya MABARUWA. Uwo ari we wese uzayaha ikaze mu ibonunumva rye kandi akayakomeraho mu kwemera, amaherezo azayabona arabya mu bwiza, ibyishimo n'ubusabane, ayabone kandi yera imbuto mu buzima bwe bwa buri muni. Brw8/314.

Nimwemere – kuko jye, Kristu, navuze. Brw8/315

.....

Ni icyifuzo cyanyje, Kristu, gisumbye ibindi agaciro, ko aya MABARUWA asakazwa vuba agahabwa abantu bashaka Ukuri. Nushaka kwifashisha ibiri muri aya MABARUWA yanjye, ndagusabye ujye ugaragaza neza aho wabikuye, utya: AMABARUWA YA KRISTU, www.christsway.co.za (Igitabo cyitwa: KRISTU ARAGARUTSE – ARIVUGIRA UKURI KWE).

.....

Kuva ku gika cya 94 kugeza ku musozo w'iyi Baruwa ya 8, mu ndiba ya buri rupapuro uhasanga iyi nteruro:

“Kera nazanywe – kandi n’ubu nzanywe – no kubafasha kugera ku “BUZIMA burushijeho gusagamba no ku byishimo bitagira iherezo.”